ISHURI RITO RYA BIBILIYA

ABAHANUZI BATO

Hoseya, Yoweli, Amosi, Obadiya, Yona, Mika, Nahumu, Habakuki, Zefaniya, Hagayi, Zekariya na Malaki.

AGATABO KA CYENDA

Abahanuzi Bato: Incamake

Ubu dutangiye isesengura ry'abahanuzi cumi na babiri ba nyuma, bajya bitwa Abahanuzi Bato. Iyi nyito isobanuye ko ibitabo by'ubuhanuzi bwabo ari bigufi iyo ubigereranije n'ibindi bitabo by'ubuhanuzi twamaze gusesengura. Kuko abahanuzi cumi na babiri ba nyuma banditse mu gihe cya nyuma cy'amateka y'Abaheburayo, hari ubwo bajyaga bitwa abahanuzi ba nyuma. Abanditsi ba kera bazigamye ubu buhanuzi bwa nyuma mu cyo bise "Icumi na Bubiri" kuko babwubahaga cyane kandi ntabwo bashakaga kugira ubwo batakaza.

Ibitabo cumi na bibiri by'amateka yo mu Isezerano rya Kera bigaragaza igihe n'uko ubuzima bwari bumeze ubwo abahanuzi bandikaga ndetse babwirizaga. Kugira ngo ushobore gusobanukirwa neza ibihe n'amateka, ugomba kugerageza gushushanya igishushanyo kigaragaza igihe abahanuzi babereyeho mu mateka y'Abaheburayo wize ubwo twasesenguraga ibitabo by'amateka yo mu Isezerano rya Kera. Nubwo intego y'izi nyigisho atari ugutanga ubumenyi, ahubwo ari ukwiga Bibiliya ngo twumve ubutumwa burimo, reka nkwibutse ibintu birindwi by'amateka y'Abaheburayo ugomba guhora wibuka igihe cyose iyo usoma cyangwa wiga iby'aba bahanuzi:

1. Ubwami
2. Ubwami Bucikamo Kabiri
3. Ubwami bwo mu Majyaruguru Bufatwa n'Abanyashuri

4. Kurimbuka k'Ubwami bwo mu Majyaruguru
5. Ubwami bwo mu Majyepfo Bunyagwa na Babuloni
6. Ubuperesi butsinda Babuloni
7. Gutahuka bava mu Bunyage bw'i Babuloni.

Igice cya Mbere

Ubuhanuzi bwa Hoseya

Benshi muri twe bazi ko Imana ari urukundo, ariko se wabonye cyangwa wasomye ibitabo bingahe bwanditse ku rukundo rw'Imana? Igitabo cya Hoseya ni gitabo cyahumetswe n'Imana kiri muri Bibiliya kivuga urukundo rw'Imana. Hoseya yatumwe n'Imana guhanura cyangwa kubwiriza urukundo rw'Imana amoko cumi ya Isirayeli yitwaga Ubwami bw'Amajyaruguru, ariko na none akitwa, "Isirayeli." Yababwirije urukundo rw'Imana ubwo bari barateye Imana umugongo bakaramya ibigirwamana.

Ukuri kwa mbere twigira ku muhanuzi Hoseya, ni uko iyo Imana iduhamagariye kuyikorera umurimo ukomeye, akenshi irabanza ikadutegurira gukora uwo murimo ikoresheje imibereho yacu bwite. Imana ikoresha buri munsi tubayeho kudutegurira undi munsi wose tuzabaho ndetse tukayikorera.

Inkuru y'imfasha nyigisho ibabaje

Imana yabonye ko Hoseya ari we witeguye kubwiriza urukundo rw'Imana abantu batari abizerwa, kuko Hoseya yari yarashatse umugore w'indaya witwaga, "Gomeri." (1:2,3) Hoseya yaramukunze ndetse babyarana abana nkaho yari we mugore mwiza cyane kuruta abandi muri icyo ghugu. Nyuma y'imyaka myinshi, Gomeri asubira mu bakunzi be ba mbere, maze Imana ibwira Hoseya kujya kumucyura ngo agaruke mu rugo rwe, ndetse ngo yongere amukunde (3:1). Ibi byose Imana yemeye ko bigera kuri Hoseya kugira ngo bimutegure azabwirize Isirayeli urukundo rw'Imana no kwemerwa n'Imana.

Nubwo batari babikwiye, Isirayeli yari yaratoranijwe n'Imana ngo babe ubwoko bwayo, nk'uko Gomeri yari yaratoranijwe na Hoseya ngo amubere umugore n'ubwo yari indaya. Inkuru y'imfasha nyigisho ni inkuru aho usanga abantu, ibice runaka, n'ibintu runaka bifite ubusobanuro bukomeye butwigisha mu buryo bw'umwuka ndetse no mu buzima busanzwe. Urushako rwa Hoseya rwari inkuru ibabaje idufasha kumenya urukundo Imana yari ifitiye Isirayeli.

Kubwiriza kwa Hoseya

Guterekera ni cyo cyari icyaha kiganje mu bantu bo mu Bwami bwo mu Majyarugu ubwo Hoseya yabwirizaga ashize amanga kandi avuga ibiriho. Hari ubusambanyi bwinshi bukomoka ku guterekera cyangwa kuramya ibigirwamana kwabo. Iyo Hoseya yabwirizaga, ntabwo yacaga iruhande kandi yavugaga byose.

Dore ibice bimwe by'ibibwiriza bye byagufasha kumenya uko yabwirizaga: "Ubusambanyi no vino y'umuce, na vino y'ihira byica umutima. Ubwoko bwanjye bugisha inama ikigirwamana cyabwo kibajwe mu giti, kandi inshyimno yabwo ni yo ibuhanurira, kuko umutima w'ubumaraya wabuyobeje, bukagenda busamabana, bukareka Imana yabwo. Babibye umuyaga bazasarura serwakira.... Abisirayeli barayongobejwe, ubu bari mu banyamahanga bameze nk'ikibindi kigawa na bose.... Barahindukira ntibahindukirira Isumbabyose, bameze nk'umuheto w'igifuma."

Kuko bari ubwoko bwatoranijwe n'Imana nzima, Hoseya yavuze ko kuba barahindukiriye ibigirwamana ari icyaha bakoreye Imana "cy'ubusambanyi bwo mu mwuka," ubwo yagiraga ati: "*Ubwoko bwanjye bugisha inama ikigirwamana cyabwo kibajwe mu giti, kandi inshyimno yabwo ni yo ibuhanurira, kuko umutima w'ubumaraya wabuyobeje, bukagenda busamabana, bukareka Imana yabwo."* (4:12)

"Bose ni abasambanyi, bameze nk'iziko ricanwemo n'umutetsi, areka gucana iyo amaze gucugusa irobe kugeza igihe rimaze gutubuka." Ubwoko bwanjye bwivanga n'abanyamahanga, bagatora ingeso mbi zabo; bakamera nk'umutsima udahiye." Ubwo Hoseya yabwirizaga ati: "Ubwoko bwanjye bumeze nk'abatambyi," yatereye hejuru aravuga ati, "Wa Mutambyi we, witunga urutoki abandi. Ngutunze urutoki!"

Bitewe no guterekera kwabo, bagombaga kujyanwa mu bunyage. Dore uko Hoseya yavuze: "Abisirayeli barayongobejwe, ubu bari mu banyamahanga bameze nk'ikibindi kigawa na bose, kuko bazamutse bakajya muri Ashuri nk'imparage iri ukwayo, Efurayim yayiguriye abakunzi." (8:8-9) Ubunyage bwo muri Ashuri bwari icyago cy'Ubwami bwo mu Majyaruguru, kuko batashoboraga gusubira mu gihugu cyabo bakongera kuba ubwami. Abarokotse gufatwa n'ubunyage bwo muri Ashuri batataniye mu isi mu bihugu by'Abanyamahanga.

Urukundo rw'Imana Rutagira Icyo Rushingiraho

Isirayeli yajyaga kujyanwa mu bunyage, ariko kuko Imana yabakundaga yajyaga kuzabagarura, igahembura ubuzima bwabo bw'umwuka, ikabigarurira. Yaravuze ngo: "Kandi nzakwishyingira ube uwanjye iteka ryose. Ni ukuri nzakwishyingira ube uwanjye nkiranuka ngaca imanza zitabera, nkagukunda kandi nkakubabarira. Ndetse nzakwishyingira ube uwanjye nkubereye umunyamurava, kandi uzamenya Uwiteka." (2:19–20) Uku kugaruka kwa Isirayeli ko mu mwuka, kwabwirijwe n'abahanuzi benshi, ntabwo kurasohora. Biradusaba gutegereza ibihe bya nyuma

kugira ngo tubone gusohora k'ubu buhanuzi.

Hoseya yasobanuye neza urukundo rw'Imana avugo ngo: "Nta bitambo byanyu nkeneye, nkeneye urukundo rwanyu; nta maturo yanyu nkeneye, ndashaka ko mumenya." Kugira ngo abafashe gukiranukira Imana, Hoseya nawe yabwirije nka Yeremiya ati: "*Mwibibire mukurikiza gukiranuka, musarure mukurikiza imbabazi, murime imishike yanyu kuko ari igihe cyo gushaka Uwiteka, kugeza igihe azaza akabavubira gukiranuka.... Nuko garukira Imana yawe, komeza imbabazi no kutabera, kandi ujye uhora utegereje Imana yawe."* (10:12; 12:6)

Ubutumwa Dukura muri iki gitabo

Nubwo tugomba gutegereza gusohora k'ubuhanuzi bwo kugaruka ko mu mwuka kwa Isirayeli, ntabwo tugomba gutegereza kugaruka kwacu ko mu mwuka kugira ngo tugarukire Imana idukunda. Icyanditswe nkunda cyane cyo muri Hoseya ni cyo mpisemo gukoresha nsoza iyi ncamake y'ibyavuze n'umuhanuzi Hoseya. Kigira kiti:

"*Nimuze tugarukire Uwiteka, kuko ari we wadukomerekeje kandi ni we uzadukiza, ni we wadukubise kandi ni we uzatwomora. Azaduhembura tumaze kabiri, ku munsi wa gatatu azaduhagurutsa, kandi tuzabaho turi imbere ye. Dushishikarire kumenya, tugire umwete wo kumenya Uwiteka: azatunguka nk'umuseke utambika nta kabuza, azatuzaho ameze nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka."* (6:1-3)

Igice Cya Kabiri
Ubuhanuzi bwa Yoweli

Yoweli ni we wa kabiri mu Bahanuzi Bato cumi na babiri. Ubutumwa bw'umuhanuzi Yoweli bwerekeza ku nyandiko ikoreshwa na we n'abandi Bahanuzi Bato. Iyo nyandiko ni: "Umunsi w'Uwiteka." Yoweli yita icyago kibi cyane cy'inzige zateye Ubwami bw'Amajyepfo, "Umunsi w'Uwiteka." Iyo yita icyo cyago cy'inzige "Umunsi w'Uwiteka," anagisanisha n'ubunyage bubi bw'i Babuloni. Kimwe n'Abahanuzi Bakuru, Yoweli na we avanga ubuhanuzi bwe bw'ubunyage bw'i Babuloni n'ubuhanuzi bwo Kugaruka kwa Kristo.

Abantu benshi bazi Umuhanuzi Yoweli bitewe n'ubuhanuzi hanuye ku Munsi wa Pantekote. Abari bahari umunsi itorero rivuka barabajije bati, "Ibi ni ibiki?" Petero yatangiye kubwiriza ku Munsi wa Pantekote ababwira ati, "Ibi ni ibyahanuwe n'Umuhanuzi Yoweli." (Ibyakozwe 2:12, 16) Yoweli yahanuye ko Umunsi w'Uwiteka kuri wowe nanjye wabayeho kuva cyera, uriho kandi uzabaho no minsi izaza.

Icyago cy'Inzige

Igitabo cy'Ubuhanuzi bwa Yoweli gitangira kivuga icyago cy'inzige nyinshi zateye Ubwami bw'Amajyepfo. Yoweli yarabwirije ati: *"Ibyashigajwe n'uburima byariwe n'inzige, kandi ibyashigajwe n'inzige byariwe na kagugu, n'ibyashigajwe na kagugu byariwe n'ubuzukira."* (1:4) Icyago cy'inzige cyageze mu gihugu cyose, zirya ibimera byose zibimaraho, ntizagira icyo zisiga.

Ubwo Yoweli yitaga iki cyago cy'inzige "Umunsi w'Uwiteka" (1:15), yarimo kuvuga Umunsi w'Uwiteka nk'igikorwa kirimo kuba ubu none. Ni iki Yoweli yari ashatse kuvuga ubwo yavugaga Umunsi w'Uwiteka muri ubu buryo? Ubwo yabonaga icyo cyago kibi cyane maze akavuga ko inkomoko ya cyo ari Uwiteka, yarimo kutubwira ko Imana ifite ubushobozi no kubyago ndetse n'amakuba. Yoweli iyo arangije yemeranya n'abasomyi ba Bibiliya benshi bavuga ko hari ubwo Imana yateza amakuba nk'uko izana cyangwa iteza itera mbere. Bitewe n'uko icyo gitero cy'inzige cyaba cyaratumye abantu batekereza ko Imana yabateye umugongo, Yoweli yavuze ko Imana yari ihari no muri icyo gihe, bivuze ko hari n'ubwo umunsi w'amakuba waba ari "Umunsi w'Uwiteka" ku bakunda Imana kandi bahagawe nk'uko umugambi wa yo uri. (Abaroma 8:28)

Ubunyage bw'i Babuloni

Igitero cy'inzige gikora nk'ingabo, zishyira hamwe maze zikarimbura icyo zihuye na cyo cyose. Yoweli yatanze urugero rw'igitero cy'inzige kugira ngo Abayuda bamwumve maze ahereko abategurire ubuhanuzi yari agiye kubabwira bw'igitero kirimbuzi cyari kigiye kuzababaho batewe n'ingabo z'Abanyababuloni. Yoweli yaravuze ati: *"Bihuta nk'intwari, burira inkike nk'abarwanyi, umuntu wese aromboreza imbere ye, ntabwo bica gahunda. Kandi nta wuca ku wundi muntu wese aromboreza mu nzira ye, batwaranira mu macumu kandi nta wuteshuka inzira. Basimbukira umudugudu bakiruka ku nkike z'amabuye, bakurira amazu, bakamenera mu madirishya nk'abanyaz*i." (2:7-9)

Umunsi wa Pantekote

Nyuma yaho Yoweli avugiye ko igitero cy'inzige ari umunsi w'Uwiteka wariho icyo gihe, akavuga ko ubunyage bw'i Babuloni ari umunsi uzaza w'Uwiteka, yatangiye kuvuga undi munsi, Umunsi wa Pantekote. Ababwira ubuhanuzi bw'Imana ati: *"Hanyuma y'ibyo, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n'abasore banyu bazerekwa."* (2:28)

Hari igice cy'ubu buhanuzi cyasohoye ku Munsi w'Uwiteka

(Ibyakozwe 2:1-4). Handitse ko Umwuka Wera yamanukiye abari bateraniye hamwe ku Munsi wa Pantekote. Abari bahari babonye indimi z'umuriro ku mitwe y'intumwa za Yesu, bakabumva bavuga ururimi rumwe rwumvwaga n'abavugaga indimi nyinshi zitandukanye, bakumva "urusaku rw'umuyaga mwinshi ukomeye," bahereyeko babaza Petero bati, "Mbese ibi ni ibiki?" Petero yarabasubije ati: "Ibi ni ibyahanuwe n'umuhanuzi Yoweli." (Ibyakozwe 2:16)

Kugaruka Kwa Yesu Kristo

Menya yuko binyuze mu buhanuzi bwa Yoweli bwa Pantekote, Imana itubwira ibintu ku Munsi w'Uwiteka uzaba mu bihe bya nyuma bitigeze biba cyangwa bisohora ku Munsi wa Pantekote. Iravuga iti: *"Nzashyira amahano mu ijuru no mu isi: amaraso n'umuriro n'umwotsi ucumba. Izuba rizahinduka umwijima, n'ukwezi kuzahinduka amaraso, uwo munsi mukuru w'Uwiteka uteye ubwoba utaraza. Kandi umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa, kuko i Siyoni n'i Yerusalemu hazaba abarokotse, nk'uko Uwiteka yabivuze, kandi mu barokotse hazabamo abo Uwiteka ahamagara."* (2:30-32)

Yoweli yahanuye neza iby'Umunsi wa Pantekote, ariko nusoma ugasobanukirwa neza ubuhanuzi bwa Pantekote, urabona ko yarimo no kuvuga ibintu bitasohoye ku Munsi wa Pantekote. Hari umuhanga mu by'Abahanuzi Bato wanditse ko ubu buhanuzi bwa Yoweli bwasohoyeho igice ku Munsi wa Pantekote, ariko bizasohora burundu mu gihe cyo Kugaruka kwa Yesu Kristo.

Kimwe n'abandi bahanuzi, iyo ubuhanuzi bwa Yoweli nko kurimburwa na Babuloni cyangwa Pantekote busohoye uko bwahanuwe, bitumenyesha ko n'ubuhanuzi bwe bwo Kugaruka kwa Yesu buzasohora uko bwahanuwe.

Petero yise uwo munsi w'Uwiteka uzaza "Umunsi w'Uwiteka Ukomeye kandi w'Amakuba." Iyo Petero yanditse iby'uwo munsi, yibanda ku gikorwa kimwe cyo mu bikorwa bitandukanye bigize kugaruka kwa Yesu. Dushingiye ku byanditswe na Petero, tubona ko, *"Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umuura, ubwo ijuru rizavaho hakaba n'umuriri ukomeye, maze iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo bigashira."* (2 Petero 3:10)

Ubutumwa Dukuramo

Yoweli ntabwo yabwirije umunsi w'Uwiteka uriho ndetse n'Umunsi w'Uwiteka uzaza gusa. Yadushishikarije nk'ubwoko bw'Imana kubwira abo mu gihe cyacu, n'abo mu bihe bizaza tubinyujije mu rubyaro rwacu, iby'umunsi w'Uwiteka (1:2-3).

Adushishikariza kumenya ko buri munsi- mu gihe byashize, muri iki gihe no mu gihe kizaza ari umunsi w'Uwiteka. Nitujya twibuka uko Imana yakoze mu buryo bukomeye mu bihe byahise, tugomba gukomera mu bihe turimo ubu (Abaroma 8:28).

Kuki Imana ishaka ko tumenya iby'uwo Munsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba? Kugira ngo tumenye uko tugomba kwifata cyangwa kubaho. Umva uko Petero yavuze ubwo yatubwiraga iby'uwo Munsi w'Uwiteka uzaza: *"Ni cyo gituma bakundwa, ubwo mutegereje ibyo, mukwiriye kugira umwete wo kuzasangwa mu mahoro, mutagira ikizinga, mutariho umugayo mu maso ye. Mumenye yuko kwihangana k'Umwami wacu ari agakiza."* (2 Petero 3:14-15a) Iyo dufite amatsiko yo kubona Umunsi w'Uwiteka uzaza, tubona ko Yoweli n'abandi bahanuzi batanga ubutumwa bumeze nk'ubwo Petero yavuze ahiga abayoboke ba Kristo.

Igice cya Gatatu
Ubuhanuzi wa Amosi

Amosi yatoraguraga imbuto z'imitini kandi yari umushumba wari utuye mu mudugudu wa Tekowa, wari mu birometero bigera kuri cumi n'icyenda mu majyepfo ya Yerusalemu. Imana yamuhamagaye ari mu Ubwami bw'Amajyepfo kugira ngo ahanurire Ubwami bw'Amajyaruguru, imyaka mirongo itanu mbere y'ubunyage bw'Abanyashuri. Tubwirwa ko Amosi yahanuye ku ngoma y'Umwami Uziya wo mu Bwami bw'Amajyepfo. Igihugu cya Yuda cyateye imbere cyane ku ngoma ya Uziya, ari mu buryo bw'igisirikare ndetse no mu bukungu. Bari bizeye ko ari nta mwanzi batera ubwoba. Ariko ubuhanuzi bwa Amosi bwavugaga nabi ubukungu bw'igihugu cya Yuda, ndetse n'Ubwami bw'Amajyarugu ya Isirayeli.

Urubanza rw'Imana Ruzaba

Amosi yatangiye ubuhanuzi bwe avuga amagambo abaturage bw'Ubwami bw'Amajyaruguru bashakaga kumva- yababwiye ko Imana izacira urubanza abanzi babo. (1:3-2:3) Avuga ibyo bihugu n'ibyago byagomba kubigeraho, abumvaga ubwo butumwa bwe barabwishimiraga, babaga bashaka kumva uko Imana izahana abanzi babo. Maze amaze kubona ko bamwishimiye, ababwira inkuru mbi ati: Ibihugu bya Yuda na Isirayeli bizacirwa urubanza nabyo. (2:4-8) Yarenganije Yuda kwanga amategeko y'Uwiteka no kutumvira amategeko y'Imana, hanyuma arenganyiriza Isirayeli ubusambo, ihohotera, ubusambanyi bwahumanyaga izina ry'Uwiteka. Amosi yakomejemo guhanurira Isirayeli ababwira Ubunyage bwa Ashuri: *"Kandi guhunga ntikuzashobokera*

abanyambaraga, n'umunyamaboko ntazabasha kwiyungura intege, n'intwari ntizabasha kwikiza, n'umunyamuheto ntazabasha guhagarara, n'impayamaguru ntizirokora, n'ugendera ku ifarashi na we ntazabasha kwikiza kandi intwari yo mu bakomeye, uwo munsi izahunga yambaye ubusa. Ni ko Uwiteka avuga."

Ubwami bw'Amajyaruguru bwasuzuguye ubu butumwa, kuko bari mu bihe by'ubutunzi n'itera mbere, kandi igisirikare cy'Ubwami bw'Amajyaruguru cyari giteye imbere mu buryo Amosi avuga muri iki kibwiriza. Ariko mu gihe cy'imyaka mirongo itanu gusa, Ubwami bw'Amajyaruguru ya Isirayeli bwaratsinzwe maze abantu bose bajyanwa mu bunyage n'ingabo z'Abanyashuri.

Imana yagerageje guhagarika igitera cy'Abanyashuri ubwo yahaga Isirayeli amahirwe yo kwihana (4:6-13). Yabaterereje inzara, ibima imvura, ibaterereza umuyaga mwinshi n'ibyago, ariko nabwo ntibyagira icyo bitanga, nk'uko tubona Imana ibibabwira ikoresheje uyu muhanuzi, igiri iti, *"...ariko ntibyatuma mungarukira." (4:8, 9, 10, 11)* Bitewe n'uko Isirayeli yanze kumvira Imana ngo bihane, byatumye Amosi abahanurira igihano cy'Imana, kandi icyo gihano ntabwo cyari burangire, Isirayeli ntabwo yari kuzegera igaruka mu gihugu cyayo, bitewe n'ubunyage bw'Abanyashuri.

Amosi yahanuye igihano cy'Imana akoresheje ibwiriza by'amerekwa atanu yahawe n'Imana. Ibihano bivugwa mu merekwa abiri abanza, byahanuraga icyago cy'inzige n'umuriro ukongora byakuweho ubwo Amosi yinginze Imana ayisaba imbabazi. (7:1-6) Iyerekwa rya gatatu rya metero ifata kuringanira kw'igikuta, ryerekana icyatumye Imana irakara, ni uko ubwoko bwayo butari ku "murongo," ntabwo bwakurikizaga amabwiriza y'Imana, ahubwo bwari "bugoramye" bwanga amategeko y'Imana maze bigatuma Imana ibarakarira.

Iyerekwa rya kane ry'igiseke cy'imbuto zahiye cyane, ryagaragazaga ko igihano cy'Imana cyarangiye cyera, kandi igihano cy'Imana gihanurwa mu iyerekwa rya gatanu, aho yari ahagaze ku gicaniro akarira cyane ati, *"Kubita inkingi yo mu ruhamo rw'umuryango kugira ngo inkomanizo zinyeganyege, ubimenagurire ku mitwe yabo bose, kandi usigaye wo muri bo nzamwicisha inkota. Nta n'umwe muri bo uzabona uko ahunga,*

ndetse nta n'umwe muri bo uzarokoka." (9:1) Muri iri yerekwa, Imana yerekanye ko igihano cya Isirayeli kizaba ari cyo rurangiza. Nta muntu n'umwe uzatoroka, ndetse nta n'umwe uzarokoka. Ikiyongeyeho ni uko icyo gihano cy'Imana cyagombaga kuba.

Amahirwe yo mu Mwuka Yongera Inshingano

Amosi ntabwo yigeze aheza Yuda cyangwa Isirayeli ku gihano cy'Imana cyari giteganyirijwe amahanga. Ahubwo yababwiye ko igihano cyabo kizaba kibi cyane kurusha icy'amahanga y'abapagani. Ibyaha byabo byagombaga gutuma bahura n'ingaruka mbi cyane kuko bari baragize amahirwe yo mu mwuka yo kumenya ijambo ry'Imana, ariko ntibubahiriza amabwiriza n'amategeko yo mu ijambo ry'Imana. Dushingiye ku byavuzwe na Amosi, tubona ko umuntu abazwa ibyo yakoze mu mwua hashingiwe ku mahirwe yo mu mwuka yahawe, kandi amahirwe yacu yo mu mwuka agomba guhindura uko tubayeho.

Icyo dukoresha ubumenyi dufite kiruta cyane ibyo tuzi. Tugomba kwibutswa ko kubeshwaho n'ubumenyi dufite ni ingenzi cyane kuruta gushaka ubundi bumenyi. Nubwo abadakijijwe bahora bizera ko ubumenyi bwonyine ari imbaraga, ari bwo bukenewe, nyamara abahanuzi bahanuye ko ishyira mu ngiro ry'ubumenyi, ari bwo bwenge, ari ryo rigira umuntu ukwiriye.

Isezerano ryo Gusanwa

Amosi kimwe n'abandi bahanuzi yabwirije gusanwa k'ubwoko bwa Isirayeli ati: *"Uwo munsi nzegura ihema rya Dawidi ryaguye nice ibyuho byaryo, kandi nzasana ahasenyutse haryo, nzaryubaka rimere nk'uko ryahoze kera kugira ngo bazungure abo muri Edomu basigaye, n'abo mu mahanga yose yitirirwa izina ryanjye. Ni ko Uwiteka avuga."* (9:11-12)

Ubu buhanuzi buvuga kugaruka ko mu mwuka kwa Isirayeli ko bagarukira Imana yabo. Uku guhemburwa no gusanwa kwa Isirayeli ko mu mwuka ntabwo kuraba. Twabonye Abayuda bari barataniye mu mahanga batahuka, kandi twabonye igihugu cya Isirayeli cyongera kubakwa, ariko ntabwo turabona kugaruka ko mu mwuka kw'Abayuda gusohora.

Igice cya Kane
Ubuhanuzi bwa Obadiya

"Ibi ni byo Uwiteka Imana ivuga kuri Edom....'Dore mu yandi mahanga nakugize ishyanga rito, urahinyurwa cyane. Ubwibone bw'umutima wawe bwaragushutse, weho utuye mu bisate by'urutare, ukaba mu buturo bwo hejuru cyane ukibwira mu mutima wawe uti 'Ni nde wamanura akangeza hasi?' Naho watumbagira hejuru nk'igisiga, icyari cyawe ukacyarika hagati y'inyenyeri, aho na ho nzahakumanura ugwe hasi. Ni ko Uwiteka uvuga.'" (Obadiya 1:2-4)

Uku ni ko igitabo cya Obadiya gitangira. Ni iki Obadiya yarimo kuvuga ubwo yavugaga abantu b'abibone baba mu mpinga z'imisozi, batekereza ko ari nta muntu wahabakura? Hari abavuga ko iki gitabo kiburira bamwe muri twe babayeho muri iki kinyejana bashaka kumenya ubuzima bwo ku yindi migabane. Mu bihe byashize, iyi mirongo yasemurwaga ndetse igashyirwa mu ngiro ngo Imana ntabwo ishaka ko tuba mu mazu y'amagorofa. Muri iki kinyejana cya makumyabiri na kimwe, hari abasemura iyi mirongo bavuga ngo, "Nitwirata ikoranabuhanga n'ubugenge kandi tukagerageza kuba ku yindi migabane yo mu kirere, Imana izaducisha bugufi itugarure ku isi."

Obadiya ntabwo yarimo kwandika ku nyubako z'amagorofa n'imigabane yo mu kirere. Yari afite umujinya wera, yandika iki gitabo kigufiya cyane cyo mu bitabo by'ubuhanuzi byose acyandkira abantu b'abagome, bari barakoreye Abayuda ibintu bibi cyane ubwo Yerusalemu yafatwaga n'Abanyababuloni.

Edomu Yaciriweho Iteka

Imana yavugiye muri Obadiya iciraho iteka ishyanga ryitwaga "Edomu." Ubu bwoko bw'abantu bwabaga ahantu wasura muri iki gihe, aho hantu hitwa "The Rose Red City of Petra" ho mu gihugu cya Yorodani. Imikoki yo muri Red stone, irimo imyanya minini yacukuwe mu mabuye ireshya na mikono magana arindwi ku mpande zombi iyo uyigenda uri ku ifarashi mu kibaya kirekire cyane. Aho hantu hatagira ikihaba niyo yahoze ari imidugudu y'abantu Obadiya arimo kuvuga.

Iyo aba bantu barangizaga gutera ndetse bagasahura imirwa y'abanzi babo, cyangwa amagare y'abakire b'abacuruzi, bajyaga burira inzego z'imigozi maze bakihisha mu buturo

bwabo bwo mu mikoki, kure y'abanzi babo. Ubuturo bwabo bwo hejuru bwabateraga kwiyumvisha ko batagerwaho. Ni cyo cyatumye Obadiya yandika ati, *"Ubwibone bw'umutima wawe bwaragushutse...ukibwira mu mutima wawe uti 'Ni nde wamanura akangeza hasi?'" (3)*

Aba bantu bari bantu ki? Bakomokaga kuri Esawu, mwene nyina wa Yakobo. Igitabo cy'Itangiriro kitwereka ko Yakobo na Esawu bari impanga, ariko bari bafite indangagaciro zitandukanye kandi babyeho ubuzima butandukanye. Igihe Yakobo yari umwesikoro ariko akaba umunyamwuka, Esawu we ntabwo yari umunyamwuka, yari yuzuye umwanda, yari icyo uyu munsi twita "umupagani." Ibi bigaragarira mu mashusho atangwa n'igitabo cy'Itangiriro aho tubona Esawu agurisha Yakobo umurage we ngo amuhe isorori y'isupu.

Abakomoka kuri Yakobo bitwa izina rye (Isirayeli) kandi bakaba Abayuda. Hanyuma Esawu we abamukomokaho ni ubwoko bwo muri Edomu, abanzi ba mbere b'Abayuda. Abanyedomu bangaga Abayuda cyane, kandi bahoraga bashakisha amahirwe yo gufatanya n'andi mahanga ngo bice Abayuda.

Obadiya yanditse ubuhanuzi bwe agira ngo ahanure gusenyuka kwa Edomu, kandi uko gusenyuka byari ingaruka z'urwango n'ukuntu batotezaga Abayuda. Obadiya yagaragaje ibirego umunani umunani Edomu yaregwaga. Twumva avuga inshuro umunani ngo: "Ntabwo wagombaga!" (Abanyedomu bari barakoze ibyo bintu byose.)

"Ntabwo wagombaga kuba warishimiye umunsi w'amakuba ya mwene so. Ntabwo wagombaga kuba warishimiye umunsi wo kurimburwa kwe. Ntabwo wagombaga kuba waranezererewe akababaro ke. Ntabwo wagomba kwinjira mu irembo rye ku munsi w'akaga ke. Ntabwo wagombaga kumusuzugura ku munsi w'amakuba ye. Ntabwo wagombaga gusahura ubutunzi bwe. Ntabwo wagombaga guhagarara ku mayira abiri ngo wice impunzi ze. Ntabwo wagombaga gutabara umwanzi we ku munsi w'amakuba ye. Kandi ubwo utagombaga kubikora, none ukaba warabikoze, umujinya w'Uwiteka urakumanukiye."

Abasomyi ba Bibiliya bavuga ko Obadiya yarimo guciraho iteka imyitwarire ya Edomu mu gihe cyo gusenywa kwa Yerusalemu ku ngoma ya Zekariya, ubwo umurwa wa Yerusalemu warimburwaga burundu maze Abayuda bakicwa

abandi bakajyanwa i Babuloni ari imbohe. Abanyedomu bari barafashije Abanyababuloni gusenya no gufata umurwa wa Yerusalemu,kandi bari baragize uruhare no mu isahura rya Yerusalemu. Ubwo Abayuda batorokaga bakava i Babuloni, Abanyedomu barabafashe maze babasubiza Abanyababuloni.

Obadiya yageze aho arekera aho kuvuga iby'igihano cya Edomu maze nawe afatanya n'abandi bahanuzi ahanura iby'umunsi w'Uwiteka. Yabwiye Abanyedomu ati, *"Kuko umunsi w'Uwiteka uri hafi uziye amahanga yose, uko wagenjeje ni ko uzagenzwa, ibyo wagize bizagusubira ku mutwe."* Uwo munsi yahanuye nusohora, ubwoko bw'Abanyedomu buzarimbuka bushireho burundu. Yanahanuye icyo Imana izakoresha kubarimbura. Abo bajyaga bafatanya nibo bazabahindukirira bakabarwanya, kandi ishyanga rya Edomu ryose rizashiraho. Yaravuze ati: *"Kandi ab'inzu ya Yakobo bazaba umuriro, n'ab'inzu ya Yosefu babe ikirimi cyawo, n'ab'inzu ya Esawu bazaba nk'umurama, bazabatwika bakongoke, ndetse ab'iyo nzu nta wuzasigara, kuko byavuzwe n'Uwiteka."* (18) Ubu buhanuzi bwasohoye uko bwahanuwe. Ubwoko bw'Abanyedomu bwararimbuwe bukurwa ku mpapuro z'amateka, ubwo bwarimburwaga n'Abaroma mu mwaka wa 70 nyuma yo gupfa kwa Yesu Kristo.

Ubutumwa Dukuramo

Muri Bibiliya yose, hagaragara itandukaniro riri hagati y'umukiranutsi n'udakiranuka (Zaburi 1; Matayo 7:13-27; 1 Abakorinto 2:14-16). Niba tuzi inkuru ya Yakobo na Esawu yo mu gitabo cy'Itangiriro, n'ukuntu Intumwa Pawulo avuga kuri iyo nkuru, ntabwo bikomeye ko tumenya ko ubu buhanuzi bwa Obadiya nabwo bugereranya ubuzima bw'umukiranutsi n'ukiranirwa, umuntu udafashijwe n'Umwuka w'Imana (Itangiriro 25:29-34; 27; Abaroma 9:10,11). Ubuzima bwa Yakobo ni urugero rw'umukiranutsi kuko yashishikaye agashaka Imana n'indangagaciro ndetse n'umugisha.

Twongera kubona mu gitabo cy'Itangiriro ko igihe Yakobo "yakiranaga" n'Imana izina rye ryahindutse maze yitwa Isirayeli. Imana yaramubwiye iti: *"Ntucyitwa Yakobo ukundi, ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiranije Imana n'abantu ukanesha."* (32:28) Ku rundi ruhande Esawu akaba ishusho y'umuntu uyoborwa na kamere, udafashwa n'Umwuka Wera kandi udakirauka. Ubwo yagurishaka umurage we (umurage

w'umwana w'imfura), akawugurana isorori y'isupu, Esawu yagaragaje ubwana bwe ndetse n'indangagaciro ze z'umwuka. Ntibigomba gututangaza kumenya ko indangagaciro n'uburyo "Esawu" yari abayeho byatumye aba "Edomu"- ishyanga ryarwanyaga ubwoko, indangagaciro z'umwuka, ndetse n'imigambi y'Imana.

Iyo ubona Yakobo na Esawu bwa mbere, baba bari kumwe mu nda ya nyina, Rebeka. Ubutumwa dukura muri ibi ni uko, ubushobozi cyangwa kamere ya Esawu na Yakobo buba muri buri muntu wese muri iki gihe.

Intumwa Pawulo yandika izi kamere zombi mu rwandiko yandikiye Abagalatiya Aravuga ngo Umwuka na kamere birarwana kuko bihabanye. Iyo Pawulo akoresheje ijambo "kamere" aba avuga kamere yacu idashobojwe n'Imana."

Umwuka Wera aduha imbaraga zo kuba abanyamwuka nka Yakobo, ariko iyo Umwuka Wera aje gutura muri twe, kamere yacu ntabwo ivamo. Haba hari undi muntu ushaka kutugira abanyamwuka cyangwa abakiranutsi uba wongewe kuri kamere yacu. Ibi rero bituma tugira izo mbaraga (Yakobo na Esawu) zombi. Ubuhanuzi bwa Obadiya butubaza iki kibazo: Ni mbaraga ki muri izo zombi twiteguye guteza imbere?

Igice cya Gatanu
Ubuhanuzi bwa Yoha

Igitabo cya Yona kitubwira umuhanuzi watumwe n'Imana kujya kubwiriza abanzi be kwihana no gukizwa. Yari azi kamere y'Imana cyane ku buryo yamenye ko niyemera akajyayo, abanzi be bazakizwa. Kuba yari azi ko Imana igira urukundo rutagira uwo rurobanura ni byo byatumye Yoha yanga kujya i Nineve, ndetse ahitamo no kutagarukira Imana. Ahubwo yihitiyemo guhunga Imana maze yurira ubwato bwajyaga mu kindi cyerekezo, kure cyane ku mwaro wa kure cyane n'i Nineve. (1:3; 4:2,3)

Umurwa w'i Nineve niwo wari umurwa mukuru w'abanzi ba mbere b'Abayuda b'icyo gihe. Ubugome bubi cyane bw'Abanyashuri ntawe babunganyaga mu bihe bya kera. Birashoboka ko Yona cyangwa se abanyamuryango be baba baragizweho ingaruka n'ubwo bugome. Wasanga yari afite impamvu nzima zituma yanga abantu bari batuye mu murwa w'i Nineve. Kugira ngo usobanukirwe amateka y'ibi bintu, ibaze iyo Imana iza gutuma Umuyuda mu ntangiriro ya 1940 ngo ajye mu Ubudage, ahategurirwaga urupfu rwa buri

Agatabo #9: Abahanuzi Bato

Muyuda wese uri ku isi, maze ababwirize ko nibanga kwihana ibyaha byabo Imana izabahana. Mbese utekereza ko uwo Muyuda yajyaga guhunga, akanga gukora uwo murimo?

Yona Yanga Kugenda No Kuza (Igice Cya 1)

Abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera n'abakiranutsi muri rusange hari uburyo babagaho mu mubano wabo n'Imana. Nababwiye ubwo buryo ubwo twasesenguraga ubuhanuzi bwa Yesaya. Bagiraga ibihe byiza byo gusanga Imana, hanyuma bakagira ibihe byiza cyane bagenda batumwe n'Imana. Inkuru ya Yona n'Imana itwereka imbusane y'ubwo buryo bw'imibereho.

Mu gice cya mbere cy'ubu buhanuzi bugufi bwa Yona, tubona ko ubwo Imana yatumaga Yona kujya i Nineve, yanze kujya yo, maze amaze gufata icyemezo ntakuka cyo kutajya i Nineve, yatweretse ko yemera izi nzego ebyiri zo kuza ku Mana no kugenda utumwe n'Imana. Yona yari abizi bitewe n'uko yagize ibihe bikomeye cyane byo kuza cyangwa gusanga Imana, ari byo byatumye atumwa n'Imana kujya i Nineve. Nyuma yo kwiyemeza ko adashobora kujya yo cyangwa atari bujye yo, yavuze ko atari bujye i Nineve atumwe n'Imana, kandi hamwe n'ibyo, yanga no kugarukira Imana.

Kuko Yona yarimo kwihisha Imana ubwo yuriraga inkuge, yaramanutse ayijyamo hasi maze arasinzira cyane (1:5). Handitse ko Uwiteka yohereje ishuheri ikomeye cyane yatumye inkuge yenda kumeneka. Nubwo abasare bagize ubwoba bwinshi maze bagasenga ibigirwamana byabo, Yona we yari yiryamiye, agerageza guhunga ibibazo bye aryama. Yona yarimo kwanga kujya i Nineve, guhunga Imana, no guhunga ibibazo bye.

Umutware w'inkuge abyutsa Yona kuko yari aryamye kandi hari ishuheri, Yona yababwiye ko Imana ye ari yo yaremye inyanja n'ubutaka, kandi ko yari yamurakariye. Imana yari yabateje umuyaga w'ishuheri kuko yari yatumye Yona i Nineve maze Yona akanga kujya yo (9-10). Yona yongeye kubwira umutware w'inkuge ko icyatuma Imana ihagarika iyo shuheri ari uko bamuterura bakamujugunya mu nyanja. Ni ko babigenjeje (15). Ako kanya inyanja iherako iratuza.

Gutuza kw'inyanja byatumye abasare b'ababapagani bizera Imana muri ako kanya. N'ubwo Yona yarimo guhunga Imana, no guhunga umuhamagaro w'Imana, Imana yamukoresheje

kubwiriza abasare ubutumwa maze bizera Imana. Haranditse ngo: *"Maze abo bagabo baherako batinya Uwiteka cyane, bamutambira ibitambo, bahiga imihigo."* (1:16) Na none handitse ngo Imana yari yateguye urufi runini ngo rumire Yona. Yamaze iminsi itatu mu nda y'urwo rufi runini. Uru rufi runini cyari igitangaza cy'Imana cyari cyateguriwe uyu muhanuzi w'ikigande.

Yona Aza ku Mana (Igice cya 2)

Igitabo cya Yona kitwigisha ko nubwo Imana itajya idutegeka gukora ibintu runaka, itwemerera gushyira mu bikorwa ubushake bwacu mu byemezo tugomba gufata. Idutsikamira nk'inzovu ikoresheje imibereho kugeza ubwo duhitamo ubushake bwayo kuko ari bwiza ku buzima bwacu. Igice cya mbere cy'ubu buhanuzi wacyandikaho aya magambo, "Ndabyanze!" Ariko wakwandika ku gice cya kabiri aya magambo, "Ndabikora!"

Byafashe Yona iminsi itatu ari mu nda y'urufi kugira ngo yihane guhunga umuhamagaro w'Imana. Kwihana bivuze, "kwisubiraho," cyangwa "guhindura imitekerereze, umutima, n'icyerekezo." Igice cya kabiri kigaragaza ko Yona yihaniye mu nda ya rwa urufi runini. Yona yasengeye mu nda y'urwo rufi. Yagerageje kwibuka buri cyanditswe cyose igihe yari aho hantu hateye ubwoba. Mu isengesho yasenze, wasanga yaravuzemo cyangwa yaribukije Imana akoresheje ibyanditswe birenga mirongo itandatu, uhereye muri Yobu, Amaganya, 1 Samweli, Yeremiya, 1 Abami, n'ibindi myanditswe byinshi byo muri Zaburi. Bivuze ko ibitekerezo bye byari byuzuyemo ibyanditswe, ndetse ko yaririmbye indirimbo zo mu gitabo zishoboka zose ubwo yari mu nda y'urwo rufi runini.

Ikintu cy'ingenzi kuri iri sengesho ryo muri Bibiliya ni ukwihana kwe. Yona yarekeye aho kuvuga ngo, "sinzajyayo" maze aravuga inshuro eshatu ati, "ndajyayo." Yabwiye Imana ati, "Nzongera kureba urusengero rwawe rwera," (4) "Nzagutambira," (9) na "Nzahigura umuhigo wanjye." (9) Bitewe no kwihana kwa Yona, Imana "*Yategetse urufi, maze rumuruka imusozi*."

Yona Agendera Imana (Igice cya 3)

Mu gice cya 3 handitse ngo: *"Maze ijambo ry'Uwiteka rigera kuri Yona ubwa kabiri riramubiwra riti."* (1) Bitewe na kamere y'Imana yo kwihangana, Yona yumvise umuhamagaro

w'Imana ubwa kabiri- ni wa muhamagaro wa mbere: *"Haguruka ujye i Nineve wa murwa munini, uwuburire imiburo nzakubwira."* (2)

Aho kugira ngo Yona yongere ahunge, ahubwo yumviye umuhamagaro maze ajya i Nineve. Yababwirije ubutumwa bw'urubanza rw'Imana ubwo yababwiraga ati: "Hasigaye iminsi mirongo ine Nineve hakarimburwa!" (4) Umurwa wose, ndetse n'umwami barahindutse maze bizera Imana (5,6). Bitewe n'uko umurwa wose wihannye, byatumye Imana "Ireka ibyago yari babageneye ntiyabibateza." (10) Yona amaze kuvuga ngo, "Nzajyayo," ibyakurikiyeho ni igiterane cy'ivugabutumwa gikomeye cyane cyabaye mu mateka y'isi yose.

Yona Asanga Imana kandi Agendera Imana (Igice cya 4)

Ingingo nyamukuru y'ubutumwa bwo mu gitabo cya Yona uyisanga mu gice cya nyuma aho tubona uko Yona yavuze ku kwihana kw'ab'i Neneve. Nubwo twatekereza ko Yona, nk'umuhanuzi w'Imana yarengwa n'ibyishimo kuko umurwa wose wagarukiye Imana, ariko we ntabwo yishimye. Ahubwo yararakaye cyane kuko yumvaga icyamubera cyiza ari uko yapfa aho kubona Imana ikiza abari batuye i Nineve bose-kandi yanabibwiye Imana! Aho gushimira Imana, ahubwo yabwiye Imana ati: *"Uwiteka, si icyo navugaga nkiri iwacu? Ni cyo cyatumye nshoka mpungira i Tarushishi, kuko namenye ko uri Imana igira ubuntu n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi kandi yibuza kugira nabi. None rero Uwiteka, ndakwinginze unyice kuko gupfa bindutiye kubaho."* (2,3) Mu yandi magambo, "Gupfa byandutira kubona ukiza ubu bwoko!"

Umuhanuzi Urobanura mu Bantu

Yona yari yagize kibazo ki? Igisubizo cy'icyo kibazo ni uko Yona yangaga abantu b'i Nineve, kandi kubanga kwe ni byo byatumye adashimira Imana igitangaza cyabereye mu murwa mukuru w'ubwami bwa Ashuri. Kubanga kwe bigaragazwa n'amagambo yavuze ku itangiriro ry'igice cya kane, ubwo yavugaga ko yahunze Imana n'inshingano yamuhaye kuko yari azi ko Imana ari Imana ikunda, kandi yajyaga gukiza umurwa w'i Nineve iyo aza kumvira Imana akababwiriza ubutumwa bwiza.

Bitewe n'uburakari bwa Yona, Imana yamukoreye igikorwa

kirimo inyigisho. Igihe Yona yari akirimo kuvuga uburakari bwe ndetse no kwitotomba kuko Imana yakijije abanzi be, Imana yubatse akazu gatoya hejuru y'umusozi uteganye na Nineve. No muri icyo gihe yakomeje gutekereza ko Imana yarimbura uwo murwa. Izuba ryakomeje gutwika Yona maze Imana imeza uruyuzi kinini hejuru ya ka kazu, maze Yona yugamamo izuba. Byanejeje Yona cyane. Ariko Imana yohereza inanda irya imizi y'urwo ruyuzi. Maze Yona abibonye yongera kubabara maze ararakara cyane.

Maze Imana ibwira Yona iti, *"Ubabajwe n'uruyuzi utihingiye kandi utamejeje, uruyuzi rwameze ijoro rimwe ku rindi rukuma? Jyewe se sinari nkwiriye kubabazwa n'I Nineve uwo murwa munini, urimo abantu basaga 120,000 batazi gutandukanya indyo n'imoso, hakabamo n'amatungo menshi?"* (4:10-11)

Abasomyi ba Bibiliya bavuga ko aba bantu bari abana b'i Nineve bari batarageza imyaka ikwiriye yo kugira inshingano. Ukuri kw'ingenzi kuri muri ibi ni uko Imana yarimo guhinga indangagaciro n'iby'agaciro by'umuhanuzi urobanura cyangwa wanga ubwoko bw'abantu runaka.

Inzitizi z'Umurimo

Mwaba mwibuka uko nababwiye ku bitabo by'abahanuzi, ko kamwe mu kamaro k'umuhanuzi kwari ugukuraho ibyazitiraga umurimo w'Imana mu isi? Mu gitabo cya Yona, icyazitiraga umurimo Imana yashakaga gukora i nineve ni urwango umuhanuzi Yona yangaga ab'i Nineve.

Nk'uko twabibonye muri Hoseya, twabonye ko urukundo rw'Imana rutagira icyo ruca kandi ntabwo rushingira ku mirimo myiza cyangw amibi y'ukundwa. Iyo Imana ikunda ubwoko bw'abantu runaka ariko umuhanuzi akanga abo bantu, ni gute Imana yakoresha uwo muhanuzi kubabwira urukundo rw'Imana?

Ubutumwa Tubonamo

Mbese waba wibona muri iyi nkuru? Waba urimo guhunga umuhamgaro Imana yashyize ku bugingo bwawe? Ni iki Imana igomba kohereza kugira ngo ugire ubushake bwo kuyumvira? Igira ku buzima bwa Yona- umuhanuzi utarashakaga kujya i Nineve kandi utarashakaga gusanga Imana, ko Imana ikoresha imibereho y'ubugingo bwacu kutuyobora mu bushake bwayo

ku bugingo bwacu, yirengagijwe ndetse hari n'ubwo biterwa no kudashaka kuyikurikira. Menya iki gitabo gitoya cy'ubuhanuzi cyuzuyemo ubutumwa bwo gutabara kw'Imana: Imana yohereje umuraba urimo umuyaga, itegura urufi runini, imeza uruyuzi, ndetse yohereza inanda. Urabona ukuntu Imana itabara ikorera mu mibereho y'ubuzima bwawe?

Ikintu gitangaje cyane cy'iki gitabo gitoya gikomeye cy'ubuhanuzi ni ukumenya ko Yona ari we wanditse iki gitabo, bituma agaragara nk'injiji cyane. Yona yanditse igice cy'ingenzi cyane cy'ubuzima bwe n'umurimo we nk'umuhanuzi w'Imana. Arimo kutubwira mu buryo bwiza cyane, uko yigiye mu murwa w'i Nineve iby'urukundo rw'Imana rutagira icyo ruca Imana yakunze abanyabayha babi cyane b'i Nineve ndetse akanatubwira urwango yagiriraga abo bantu rwazitiye urwo rukundo rw'Imana.

Yona arimo kutubwira kwihana nyako k'umuhanuzi w'umunyakuri muri iki gitabo gitoya cyanditswe na we. Arimo kwatura cyane cyane ngo: "Ntabwo nari urukundo rwa agape ubwo nari i Nineve, ariko Imana yaari rwo, kandi yari kumwe nange. Namenye ko ntashobora gukunda abapagani b'i Nineve, ariko Imana yo yaribishoboye, kandi yari kumwe nange. Ntabwo nashakaga gukunda abapagani b'i Nineve, ariko Imana yo yashakaga kubakunda, kandi yari kumwe nange. Ntabwo nakunze abantu b'i Nineve, ariko Imana yabakunze inyuze muri jye kuko yari kumwe nange."

Mbese byaba bishoboka ko Imana ishaka gukunda abanyabyaha babi cyane badakwiriye gukundwa ibinyujije muri wowe, ariko kurobanura ku moko kwawe n'urwango wanga abo bantu bikaba birimo kuzitira urukundo n'agakiza Imana ishaka guha abo bantu? Nawe wakwibona muri uku kwatura ko kwihana k'umuhanuzi wangaga buri bwoko bw'abantu?

Igice cya Gatandatu
Ubuhanuzi bwa Mika

Igitabo cya Mika kivuga ibibwiriza bitatu bikomeye by'umuhanuzi Mika. Yavukiye ndetse akurira mu giturage ariko aza guhamagarwa n'Imana kujya kubwiriza mu mirwa mikuru ya Samariya na Yerusalemu no kubwira Ijambo ry'Imana abayobozi mu nzego za politiki n'inzego z'umwuka z'imirwa mikuru y'Ubwami bwo mu Majyarugu no mu

Majyepfo bwa Isirayeli na Yuda. Yafatanyije na benshi mu bandi bahanuzi kurenganyiriza ubuyobe n'ubwangirike bw'ubuzima bw'umwuka n'imyitwrire y'ubwoko bw'imana, abayobozi b'inzego z'umwuka na politiki b'ubwami bwombi.

Ikibwiriza cya Mika cya Mbere (1:3-5)

Ikibwiriza cya mbere mu bibwiriza bitatu byabwirijwe na Mika yakibwirije abatuye isi bose maze abahamagararira kwitegereza "gukubitwa" k'Ubwami bwo mu Majyarugu n'ubwo mu Majyepfo, ubwami bwa Isirayeli na Yuda. Kuko ubwoko bw'Imana bwari bwahisemo kutagendera mu nzira z'Uwiteka, Imana yarimo gutegura kuzabahana: *"Dore ngambiriye guteza uyu muryango icyago, ntabwo muzagikira cyangwa ngo mwongere kugendana umujindiro, kuko icyo gihe kizaba ari igihe kibi."* (2:3)

Birumvikana ko iki cyanditswe kivuga guterwa no kujyanwa mu bunyage na Babuloni na Ashuri. Imana yagambiriraga guhana Isirayeli na Yuda ikoresheje ayo mahano, kandi iki gihano cyari kigamije kugaragaza Ukwera kwayo, ibereka kutihanganira icyaha kwayo, n'urukundo rwayo nka Data wizerwa ufite abana b'ibyigomeke.

Igihano Imana yagambiriraga guhana ubwoko yatoranije ibaziza kuramya ibigirwamana, ubuyobe bwabo no kugwa ko mu mwuka byari bigamijwe kugaragariza isi yose ko Imana hari urwego rw'ubutungane cyangwa rwo kwera itwifuzaho. Ubwiza bw'Imana ndetse n'icyubahiro cyayo byari bugaragarire mu guhemburwa k'ubwoko bwayo, Mika yabwirije ku musozo w'ikibwiriza cye cya mbere agira ati: *"Yakobo we, abawe bose nzabateranyiriza hamwe. Ni ukuri nzakoranya abasigaye ba Isirayeli..."* (2:12)

Ikibwiriza cya Mika cya Kabiri (3:1-5:15)

Ikibwiriza cya Mika cya kabiri cyabwirijwe cyangwa cyagenewe inzego eshatu z'ubutegetsI, ari zo: "abatamby, abahanuzi, n'abayobozi ba politiki. Akamaro nyamukur k'umutambyi kwari ukwigisha, akamaro nyamukuru k'umuhanuzi kwari ugushishikariza ubwoko bw'Imana kumvira, hanyuma akamaro nyamukuru k'umutegetsi kakaba kwimakaza Amategeko y'Imana. Mu gihe cy'umuhanuzi Mika, ikibazo cyari kizitiye umurimo w'Imana ni uko inzego eshatu zose z'ubuyobozi uko Imana yari yarazishyizeho zari zaramunzwe.

Agatabo #9: Abahanuzi Bato

Aho kwigisha no gukora ibyo Amategeko y'Imana yabategekaga gukorera abantu, abatambyi bahisemo "kwigishiriza inyungu cyangwa ibihembo," cyangwa "kwigisha bakodeshejwe". (3:11) Umurimo w'ubutambyi bari bawugize umwuga, kandi icyo bitagaho cyane ni amafaranga cyangwa ibihembo bahabwaga. Mika ababazwa n'ubu bupagani mu batambyi, kuko kwigishiriza ibihembo byabagize abanyamwuga b'abapagani.

Ikindi kandi ni uko abahanuzi bacyerensaga umuhamagaro w'Imana wo kuba abahanuzi bahitamo "kuragurira indamu". (11) Ntabwo bari bahinduye umuhamagaro wo guhanura umwuga gusa, ahubwo bari bawugize ubupfumu. Babwirizaga inzozi zabo bwite, aho kubwiriza ubuhanuzi bahishuriwe n'Imana, kandi bakoreshaga izina ryabo nk'abahanuzi kwironkera indamu cyangwa ibihembo. Iyo bahembwaga makeya bahanuriraga abantu ibibi gusa, maze bahembwa menshi, bagahanurira ibyiza ababahembye neza.

Abayobozi b'inzego za politiki cyangwa abatware nabo bari baramunzwe kuko bahisemo "Gucira imanza impongano." (11) Uko abatware bacaga imanza byaterwaga n'amafaranga bahawe. Bazicaga babera uwabahaye ayo mafaranga. Ruswa mu batware cyangwa abayobozi b'inzego za politiki yabayeho kuva cyera, kandi iri ku isi hose.

Ikintu cya mbere cyababazaga Mika ni uko iyo abatambyi bigishiriza ibihembo, abantu baravangirwa kuko batigaga ijambo ry'Imana. Iyo abahanuzi baragurira indamu, ubwoko bw'Imana ntabwo bwumva ijambo ry'Imana. Iyo abatware cyangwa abayobozi b'inzego za politiki bamunzwe, abantu barayoba ndetse bagatakariza icyizere ubutegetsi, amategeko n'imikorere.

Mika yashimangiye ukuri ko Imana yahaye abantu inshingano yo kuyobora, ariko ubuyobozi bwagenwe n'Imana bwabaho gusa ari uko abashinzwe kuyobora bahamanya n'umugambi w'Imana kuri izi nzego eshatu z'ubuyobozi bw'umwuka n'ubwa politiki.

Iyo abayobozi b'izi nzego eshatu bamunzwe, imigambi y'Imana ku butegetsi ntabwo isohora. Kuko abayobozi b'umwuka n'aba politiki bo mu gihe cya Mika batahamanyaga n'imigambi y'Imana, ni cyo cyatumye abarenganyiriza kwangirika k'ubuzima bw'igihugu bw'umwuka n'imibereho.

Igisubizo cya Nyuma cy'Imana

Nyuma yo gukoresha imbaraga akavuga ikibazo cy'ubutegetsi bwa Isirayeli na yuda, Mika yabwirije ubwoko bw'Imana n'amoko y'isi yose ubutumwa bw'ibyiringiro binyuze mu buhanuzi bwa Mesiya. Yahanuye kuza kwa Kristo, avuga ko *"Azakomera aragire umukumbi we afite imbaraga z'Uwiteka n'icyubahiro cy'izina ry'Uwiteka Imana ye, kandi na bo bazakomera kuko icyo gihe azaba akomeye kugeza ku mpera z'isi. Kandi uwo muntu azatubera amahoro."* (5:4-5)

Nubwo ubutegetsi bw'i Yerusalemu na Samariya bwari bwarananiwe, ubutsinzi bwa Kristo ntabwo buzananirwa, kandi ni we uzaha ubwoko bwe amahoro nyayo. Azaba urugero rukwiriye rw'Umuhanuzi, Umutambyi n'Umwami. Umusozo w'ikibwiriza cya Mika cya kabiri wagaragaje Kristo nk'Umutegetsi ukwiriye. Azazana ubwami bushya butazigera bumungwa. Niyo mpamvu ubwo Kristo yaje mu isi, abigishwa be bahoraga bamubaza igihe azashyiriraho ubwami bwe bukwiriye kandi buzahoraho iteka ryose. (Ibyakozwe 1:6)

Ikibwiriza cya Mika cya Gatatu (Igice cya 6 na 7)

Mu kibwiriza cya Mika cya gatatu, agaragaza urubanza ruri hagati y'Imana n'ikiremwa muntu. Aravuga ati: *"Noneho nimwumve icyo Uwiteka avuga ati, 'Haguruka uburanire imbere y'imisozi, udusozi twumve ijwi ryawe. Mwa misozi mwe, namwe mfatiro z'isi zitajegajega, nimwumve kuburana k'Uwiteka kuko Uwiteka afitanye urubanza n'ubwoko bwe kandi azaburana na Isirayeli."* **(6:1-2)**

Iyo Mika arimo kugaragaza icyo Imana ishinja cyangwa irega Isirayeli, tubona Imana yibutsa Isirayeli ukuntu yayigiriye neza ubwo yayikuraga muri Egiputa, ikabaha Mose, na Aroni, na Miriyamu ngo babayobore (4).

Kuko ubwoko bwa Isirayeli bwituye ineza y'Imana gushaka no gukurikira ibigirwamana no gukora ibyo bishakiye, Mika yagaragarije akababaro k'umuntu imbere y'urukiko rw'Imana, agira ati: *"Mbese nditwara ku Uwiteka, ngapfukamira Imana isumba byose nyituye iki? Nayitwaraho njyanye ibitambo byoswa n'inyana zimaze umwaka? Aho Uwiteka yakwemera amapfizi y'intama ibihumbi, cyangwa imigezi y'amavuta ya elsayo inzovu? Ese natanga impfura yanjye ku gicumuro cyanjye, imbuto y'umubiri wanjye nkayihonga ku cyaha*

cy'ubugingo bwanjye?" (6:6-7)

Ikirego Mika arega Isirayeli abaziza ibyaha byabo byo gucyerensa ubwiza bw'Imana cyatumye Isirayeli idashobora kwiregura. Mika arabikomeza akavuga ko nta mpongano y'ibyaha babona yatwikira ibyaha bya Isirayeli.

Icyago Mika agaragaza muri uru rukiko rukomeye cyateguriye abumvaga ikirego umwanzuro w'ubutumwa bwe, ugira uti: *"Yewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari icyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi."* (8)

Nyuma y'aho Imana ivugiye ibyo irega ubwoko bwayo, naho babarije icyo bakora kugira ngo bayishimishe, Imana yeretse Mika ko ari nta cyo umuntu yakora kugira ngo ahongere ibyaha bye. Ubuntu bwonyine nibwo butuma Imana iha imbabazi umutima umenetse.

Mika yasoje ikibwiriza cye cya gatatu atanga ubundi buhanuzi bw'ibizaba. Yabwiye Isirayeli: *"Amahanga azabareba akorwe n'isoni nubwo azaba afite imbaraga nyinshi, bazifata ku munwa n'amatwi yabo azaziba. Bazarigata umukungugu nk'inzoka, bazava mu bwihisho bwabo nk'ibyikururа hasi bahinda umushyitsi, bazaza ku Uwiteka Imana yacu babebera, bazatinya babitewe na we."* (7:16-17)

Hano naho tuhabona gukora k'Umuyobozi Mesiya uzategeka amahanga. Kandi Mika ahanura ko uyu mutegetsi azagirira imbabazi intore ze. Aravuga ati: *"Ni iyihe Mana ihwanye nawe ibabarira gukiranirwa, ikirengagiza igicumuro cy'abasigaye b'umwandu wayo? Ntihorana uburakari bwayo iteka, kuko yishimira kugira imbabazi. Izaduhindukirira kutugirira ibambe, izaribatira ibicumuri byacu munsi y'ibirenge byayo. Kandi uzarohera imuhengeri w'inyanja ibyaha byabo byose. Uzakorera Yakobo iby'ukuri, na Aburahamu uzamugirira neza, ibyo warahiye ba sogokuruza uhereye mu bihe bya kera."* (18-20)

Imana y'ubutumwa bwa Mika ni Imana y'ibambe n'imbabazi, n'urukundo rutagira icyo ruca. Ibi bivuze ko tutahabwa urukundo rw'Imana kubw'imirimo myiza dukora, turuhabwa kubw'ubuntu bwayo gusa, ndetse ntabwo twatakaza urukundo rw'Imana kubw'imirimo mibi dukora.

Iyo ubyitegereje, ubona ubutumwai bw'uyu muhanuzi ari ubutumwa bw'ibyiringiro byubatse ku rufatiro rw'urukundo n'ubuntu bw'Imana. Icyakora, urukundo n'ubuntu bwa Data uri mu ijuru bikorerwa mu butabera bwayo, ubutabera bwasohojwe n'igiciro cyuzuye cyatanzwe n'urupfu rw'Umwana wayo, kugira ngo dushobore kubona urwo rukundo rwuzuye ndetse n'ubuntu bw'Imana iteka ryose.

Igice cya Karindwi
Ubuhanuzi bwa Nahumu

Amateka y'Ubu Buhanuzi

Abahanuzi banditse ibitabo by'ubuhanuzi byo mu Isezerano rya Kera bandika gufatwa kw'imirwa ine: Yerusalemu, Samariya, Babiloni, na Nineve. Yerusalemu na Samariya niyo yari imirwa mikuru y'ubwami bw'Amajyarugu n'ubw'Amajyepfo, maze Babiloni na Nineve ikaba imirwa mikuru y'abanzi babo. Nk'uko twabibonye, kubwiriza kwa Yona kwatumye Nineve yihana ndetse irakizwa. Ubuhanuzi bwa Nahumu buvuga kurimbuka no gusenywa burundu k'uwo murwa. Nahumu akurikirana na Yona mu mateka ku buryo hagati yabo harimo imyaka igera nko ku 102.

Nubwo igitabo cya Yona kivuga kwihana k'umurwa mukuru w'abanzi nyamukuru ba Isirayeli, hashize imyaka mirongo itandatu Nineve yihannye kubwo kubwiriza kwa Yona, Abanyashuri bafashe Ubwami bw'Amajyarugu bwa Isirayeli maze batwara imiryango cumi ya Isirayeli mu bunyage muri Ashuri. Hashize y'imyaka mirongo itandatu nyuma y'aho bajyaniwe mu bunyage bwo muri Ashuri, Nahumu yahanuye gucirwaho iteka no kurimburwa kwa Nineve. Ubwo buhanuzi bwa Nahumu buteye ubwoba bwasohoye hashize imyaka makumyabiri n'itatu.

Abanyashuri bajyaga bafata ndetse bagakoresha uburetwa amahanga yo mu isi yose n'ubugome bubi cyane. Ubugome bwabo bwari umwihariko mu mateka ya kera, kandi bamaze kuba ubwami bw'igihangange ku isi yose, isi yose yatinye ubugome bwabo. Inkingi y'Ubwami bw'Ashuri yari umurwa wa Nineve, icyo gihe witwaga "The Queen City" of the earth, mu Kinyarwanda twakwita, "Umurwa w'Umwamikazi" w'isi yose. Kurimburwa k'uwo Murwa w'Umwamikazi w'isi yose kwahanuwe n'umuhanuzi Nahumu.

Nahumu atangaza Kurimbuka kwa Nineve (Igice cya 1)

Igice cya mbere cy'igitabo cya Nahumu gitangaza gusenywa kwa Nineve. Nubwo umurwa wa Nineve wari ugoswe kandi urinzwe n'imigezi ibiri ku mpande zombie, Nahumu yahanuye ko Nineve kuzako izarimburwa "N'umwuzure w'amazi

menshi.” Iyo migezi yombi niyo yakomezaga uwo murwa irinda inkike z’awo, ariko Nahumu ahanura yuko Uwiteka azatuma isoko y’umutekano w’uwo murwa ari yo iwuhagurukira ikawutera, ikawurengera n’amazi ndetse ikawurimbura. “1:8)

Izina Nahumu rivuze “Uwuzuye ihumure,” kandi ubutumwa bwe bwazanye ihumure rikomeye ku Bwami bw’Amajyepfo. Abanyashuri bari barafashe Ubwabi bw’Amajyaruguru, kandi Ubwami bw’Amajyepfo bwari bufite ubwoba ko Abanyashuri bwari bwerekezo mu majyepfo bukabafata nabo. Nyuma y’aho Abanyashuri bafatiye ndetse bakajyana mu bunyage Ubwami bw’Amajyaruguru, ni koko baramanutse bajya gufata Ubwami bw’Amajyepfo. Bafashe imirwa igoswe n’inkike mirongo ine n’itandatu kandi bajyana abantu 200,000 mu bunyage.

Nk’uko twize ubwo twasesenguraga ubuhanuzi bwa Yesaya, twabonye ko Abanyashuri bageze ku marembo ya Yerusalemu, Ubwami bw’Amajyepfo bwararokotse binyuze mu murimo w’umuhanuzi ukomeye. Uretse iyo ntsinzi imwe gusa, Ubwami bw’Amajyepfo bwakomeje gutinya igitero cya Ashuri. Ubu noneho wabona uko ubu buhanuzi bwa Nahumu buvug buti, *“N’aho batunganirwa kandi ari benshi bazatsembwaho,”* bwatanze ihumure, amahoro, n’ibyiringiro mu gihugu cya Yuda (12).

Nahumu Asobanura Kurimbuka kwa Nineve (Igice cya 2)

Mu gice cya kabiri cy’ubuhanuzi bwa Nahumu niho asobanura neza kurimbuka k’umurwa. Avuga ibara ry’imyenda y’ingabo z’umwanzi n’ibara ry’ingabo zibakingira (3). Asobanura neza ukuntu amagare y’intamabra n’abantu bihutaga mu mihanda kugira ngo bahunge ibyo bintu byari mu mugi warimo kurimburwa (4). Yahanuye uko izo ngabo zisohoka mu murwa ndetse n’igihugu zidasubiza amaso inyuma (8). Mu gitabo cya Nahumu ubona umwamikazi yamburwa ubusa agahambirwa imigozi ajyanwa mu bunyage (7). Amavi arakomangana, imitima ishya ubwoba, abantu baratinya cyane, ndetse bahinda umusyitsi (10). Iyi nyandiko isobanuye neza ihamiriza Ubwami bw’Amajyepfo uko Imana izatanga amahoro n’ihumure mu gihugu cyabo igihe izarimbura umurwa mukuru w’abanzi babo.

Nahumu Ashyigikira Kurimbuka kwa Nineve (Igice cya 3)

Nahumu yanditse impamvu zitandukanye zatumye umujinya w’Imana usukwa kuri Nineve. Yabareze kumena amaraso, kubeshyera, gusahura imirwa, ndetse no gukora icyaha cy’ubusambanyi. Abahanga mu mateka yak era cyane bavuga ko Abanyashuri bajyaga bimura ubwoko bafashe bakabujyana mu bindi bihugu kugira babakuremo burundu urukundo rw’igihugu cyabo, maze bakabakorera amahano mabi cyane. Bajyaga babaga abanyagano babo ari bazima, kandi iyo

bafataga umurwa runaka, bicaga kimwe cya kabiri cy'abatuye uwo murwa, maze bakarunda ibihanga byinshi ku irembo ry'uwo murwa kugira ngo batere ubwoba abo bemereye gukomeza kubaho.

Kuko buri shyanga ryo muri icyo gihe ryari ryarababajwe n'ubagome bw'Abanyashuri, Imana yavuze ku bugome bwabo ubwo Nahumu yababwiraga aya magambo y'Umwami ati: *"Dore ndakwibasiye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, nzakubeyurira inkanda yawe mu maso hawe, kandi nzereka amoko ubwambure bwawe n'amahanga nyereke ibiteye isoni byawe."* (3:5) *"Nta muti wo komora uruguma rwawe, igisebe cyawe ni umufunzo. Abumvise inkuru zawe bose bakoma mu mashyi bakwishimira hejuru, kandi abo utagiriraga nabi ni ba nde?"* (3:19) Gusenywa kwa Nineve byabaye isoko y'ihumure mu moko n'amahanga yose yari atewe ubwoba n'ibikorwa by'ubugome bwabo.

Nahumu Ahamya Kamere y'Imana

Iki gitabo gitoya kitwigisha iby'urukundo n'umujinya w'Imana. Mu rurimi rw'Igiheburayo, ijambo rivuga umujinya w'Imana risobanuye kwambuka. Ingingo irimo ni uko kamere y'Imana nyamukuru ari urukundo, ariko hari ibihe bijya bibaho ubwo ubugome no gukiranirwa kw'abantu bituma Imana igaragaza urundi ruhande rwa kamere y'ayo, ari yo kwera n'ubutabera. Iyo byagenze bityo, Imana "irambuka" ikagira umujinya ndetse igaca imanza, kuko, bizwi yuko ubugome no gukiranirwa bitabana no kwera kw'Imana.

Nigeze kubona umugabo w'umubyeyi, ukunda kandi utuje yafashwe n'abapolisi ubwo umugabo wishe ndetse agafata ku ngufu umukobwa we w'imyaka irindwi yari azanwe kuri sitasiyo ya polisi. Niba uwo mubyeyi yari afite kamere ihinduka ikava mu rukundo no gutuza ikarakara, none se ubwo Imana yo ishoboye kuba yakwambuka muri kamere yayo?

Ubwo rero twasobanura ko umujinya w'Imana ari: "Imyumvire y'Imana ihoraho kandi idahinduka ku kwera gusesuye mu cyaha n'ubugome." Twanavuga ko umujinya w'Imana ari: "Igikorwa cy'uburakari bw'urukundo ku kintu icyo ari cyose kirimbura abo Imana ikunda." Muri icyo gihe, abo Imana yakundaga ni abo bantu bose barimo gutotezwa n'Abanyashuri, muri bo harimo n'abanyagano bo mu Bwami bwa Isirayeli bwo mu Majyaruguru.

Natwe kimwe n'ubwoko bw'Imana bwo mu bwami bwa Yuda bwo mu Majyepfo, twahumurizwa no kumenya ko Imana yacu, ari yo rukundo rwuzuye, "izambuka" ikagaragaza umujinya irengera ubwoko bwayo butotezwa. Izarimburisha ababi kwera no kutabera kwayo.

Igice cya Munani
Ubuhanuzi bwa Habakuki

Abanzwe bazi uyu muhanuzi Habakuki, bamuzi nk'umuhanuzi utaragiraga ibisubizo, ariko akagaira ibibazo byinshi cyane. Bisa nkaho yagiraga ubwonko bwagoretswe bugizwe n'akamenyetso ko kubaza. Mu bice bitatu bigize ubuhanuzi bwe, akomeza kurira abaza ati "kuki". Bitewe n'iyo mpamvu, byatumye bamwe bita Habakuki "Umuhanuzi Uhidikanya." Umuntu ushidikanya ni umuntu uvuga ko tutamenya Imana n'ibisubizo by'ibibazo abafilozofe n'abanyatewologiya bamaze imyaka myinshi babaza. Hari umuntu wavuze ko umuntu ushidikanya ari umuntu uvuga ngo, "Ntabyo nzi; nawe ntabyo uzi, kandi nta muntu ubizi. Ariko twaba abanyabwenge tubitekerejeho!" Ikibazo mpora mbaza cyangwa nshaka kubaza umuntu ushidikanya, ni iki, "Niba bishoboka ko wamenya, ni gute wamenya ko utamenya?"

Nigisha ibtabo by'ubuhanuzi, navuze ko Imana yahamagaye aba bahanuzi ibasanga mu buzima butandukanye. Ibitabo by'amateka yo mu Isezerano rya Kera bitubwira ko Dawidi yatoranyije abatambyi ibihumbi bine kugira ngo bajye bahimbarisha Uwiteka ibicurangisho we ubwe yari yarakoreye uwo murimo (1 Ingoma 23:5). Aba bakozi b'Imana b'Abalewi bari barahamagariwe kuramya n'umuziki nibo banditse Zaburi nyinshi. Habakuki yari umwe muri abo baririmbyi b'Abalewi. Yari uwo benshi muri iki gihe bita umuyobozi wa korali cyangwa umuyobozi wo kuramya no guhimbaza.

Umunara wa Habakuki

"Ababwiriza butumwa bahora basubiza ibibazo bitabajijwe ndetse bagashima abantu aho bataribwa." Hari ibihe twebwe ababwiriza butumwa tugomba kwemera icyo kirego kuko hari ibihamya bihagije byo kudushinja. Ariko ntabwo ari ko byari bimeze kuri Habakuki.

Habakuki yari mugenzi wa Yeremiya. Yari yarabonye gutotezwa k'uwo muhanuzi ukomeye. Ntekereza ko Habakuki yibwiye ati, niba abantu bo muri Yuda baragenjeje umuhanuzi ukomeye nka Yeremiya uko bamugenjeje, ni gute bazagira umuyobozi wa korali wavuze ko hari ubutumwa abafitiye yahawe n'Imana?

Nemera ko Habakuki yahimbye imyandikire myiza y'ubwenge yanyuzamo ubuhanuzi bwe ku buryo bwamwumva, maze bigategurira abantu bo mu Buyuda kwakira ijambo Imana

yamuhaye ngo ababwire. Kandi nemera ko igihe Habakuki yabazaga ibibazo bye, yarimo kubaza ibibazo abantu bo mu Buyuda barimo kubaza Imana, no kwibaza ubwabo umunsi ku wundi.

Abayuda bo mu murwa wa Yerusalemu bari bazi ko igihe icyo ari cyo cyose baterwa n'ingabo z'Abanyababuloni. Iminara yabo yari irinzwe kandi abantu bose bari maso ndetse bateze amatwi kugira ngo bumve ndetse barebe ibimenyetso bya mbere n'amajwi y'igitero cy'Abanyababuloni. Habakuki atangaza ko agiye kubaka "umunara" wo mu mwuka. Yarangiza akurira muri uwo munara maze akabaza Imana ibibazo bye kandi by'abandi byose. Maze ahasigaye akaba maso, agatega amatwi ndetse agategereza Imana ngo isubize ibyo bibazo.

Ndimo gutekereza abantu bashishikariza Habakuki kurira mu "munara" we maze akabaza Imana ibi bibazo byari biremerereye imitima yabo. Habakuki amaze kugera mu munara we, yabajije Imana ukuntu yakoresheje igihugu cy'abagome- Babuloni, kurimbura ubwoko bwayo. Yarayibajije ati: *"Mbese nturi Ihoraho, Uwiteka Mana yanjye, Uwera wanjye? Ntabwo tuzapfa. Uwiteka we, wamutegetse gusohoza amateka, nawe Rutare, wamushyiriyeho guhana. Ufite amaso atunganye adakunda kureba ibibi, habe no kwitegereza ubugoryi. Kuki ureba abakora uburiganya ukihorera, igihe umunyabibi amira umuntu amurusha gukiranuka?"* (1:12-13)

Habakuki (n'abantu bo muri Yuda) bari bazi ukuri kubishye ko Uwiteka yarimo gukoresha Abanyababuloni guhana Yuda abahora ibyaha byabo, ariko na none byari bikimukomereye (bikibakomereye bose) gusobanukirwa icyatumye Imana ikoresha ubwoko bw'abanyabyaha guhana ubwoko bwayo. Nyamara Habakuki n'Abayuda batekerezaga ko Abanyababuloni bari abanyabyaha cyane kurusha Abayuda. Ni iki cyatuma Imana ikoresha ishyanga ry'abanyabyaha guhana ubwoko bwayo?

Ibi ni byo bibazo ndetse ni cyo gihe Habakuki yabarizagamo ibi bibazo, bitari mu mutima we gusa, ahubwo byari mu mitima y'abantu bababaye bo muri Yuda bose, bari bugarijwe n'igitero n'ubunyage bw'Abanyababuloni. Yarimo kureba, kumviriza, no gutegereza ibisubizo by'Imana by'ibibazo we n'igihugu cyose bibazaga. Yaratangaje ati: *"Nzahagarara hejuru y'umunara aho ndindira, kandi nzaranguza ndeba aho ari numve icyo ambwira, n'uko nzasubiza ku bw'icyo namuganyiye."* (2:1)

Ubutumwa Bwa Habakuki

Ibaze umunezero abantu bagize Habakuki ababwiye ko Imana yamusubirije mu munara we! Mbega imyandikire y'ubwenge kandi itangaje uyu muhanuzi yakoresheje atanga ubutumwa bwe bwari bugenewe ab'icyo gihe. Habakuki yababwirije avuga ko Imana yasubije ibibazo we n'abo mu Buyuda bari bafite. Nubwo Imana yarimo gukoresha igihugu cy'abanyabyaha guhanira Yuda ibyaha bya yo, Imana yasubije Habakuki imubwira ko Abanyababuloni batazamara igihe kirekire ari ubwami bw'igihangange ku isi. Nk'uko twabivuze, twabonye ko ubwami bw'Abanyababuloni bwabaye igihanganye ku isi kumara imyaka mirongo irindwi gusa.

Igihe Habakuki yari mu munara we, Imana yamubwiye ko Abanyababuloni bagendana imbuto zo kurimbuka kwa bo mu mitima ya bo. Yaranditse avuga ko Imana yamubwiye ko Abanyababuloni bari bafite imitima igoramye. Byumvikane yuko Imana yabwiye Habakuki icyo Yesu yigishije ubwo yagiraga ati, *"Abatwara inkota bose bazicwa n'inkota."* (Matayo 26:52) Abanyababuloni bajyaga kurimburwa n'ubugome bwa bo no gukiranirwa kwa bo, kuko handitse ngo: *"Dore umutima we wishyize hejuru ntumutunganyemo, ariko umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe. Ni ukuri na vino iramuriganya, ni umuntu ugamika kandi ararikira ntaregama iwe, agwiza irari nk'iry'ikuzimu kandi ameze nk'urupfu ntagira ubwo ahaga, ahubwo yikoranyirizaho amahanga yose, akiyegereza amoko yose."* (2:4-5)

Babuloni niyo "Uwishyize hejuru" Uwiteka yavugaga muri iki cyanditswe, wari ufite umutima utamutunganyemo. Nuko rero, abakiranuka bonyine, abadaca imanza za kibera, abazi Imana kandi babeshwaho no kwizera amasezerano ya yo, bazabaho (4).

Imvugo "Abakiranutsi bazabeshwaho no kwizera" ifite igisobanuro kimwe ariko ikagira ishyira mu bikorwa ritandukanye. Muri iki gisubizo Imana yahaye Habakuki, Imana yarimo gusezeranya Yuda ibyiringiro by'ejo hazaza. Iyo baza kwizera ibyavuzwe n'abahanuzi nka Yesaya, ndetse cyane cyane Yeremiya, bajyaga kubaho nk'ishyanga kandi bagasubizwa muri gakondo ya bo.

Ibi byari ibyiringiro bibabwira ko ishyanga rya Babuloni ry'abanyabibi ryajyaga gutsindwa na ryo. Ariko ko abakiranutsi bazabaho nibizera amasezerano y'Imana bari barabwiwe n'abahanuzi ba bo b'abizerwa.

Ishyira mu ngiro rya kabiri kandi rikomeye turisanga mu Isezerano Rishya, aho uyu murongo wo muri Habakuki avugwa inshuro eshatu. Ihindura matwara ry'Abaporoso

ryatangiye ubwo umupadiri w'Umunyagatolika witwaga Martin Luther yasomaga uyu murongo wo mu gice cya mbere cy'urwandiko Pawulo yandikiye Abaroma, ubwo yari mu bihe bye bya mugitondo byo gusenga no gusoma ijambo ry'Imana (Abaroma 1:7) Tewologiya y'iryo hindura matwara yasobanuwe n'ibisobanuro bya Martin Luther by'inzandiko Pawulo yandikiye Abaroma n'Abagalatiya, aho twongera gusanga uyu murongo mu Abagalatiya 3:11. Ahantu ha gatatu uyu murongo uvugwa mu Isezerano Rishya hatanga integuro y'iyandikwa ry'igice gikomeye cyo kwizera cyo muri Bibiliya (Abaheburayo 10:38).

Indirimbo Ya Habakuki

Nta byanditswe bihari bitubwira uko uyu muhanuzi w'umunyamwete n'umuyobozi wa korali byaje kumugendekera. Iyo imirwa nka Yerusalemu yasenywaga, akenshi kimwe cya kabiri cy'abantu bose baricwaga hanyuma abacika cumu bagatwarwa mu bunyage. Nubwo Habakuki yari azi ko gufatwa ndetse n'ubunyage bya Babuloni byagombaga kuba, bikamara imyaka mirongo irindwi, yasoje ubutumwa bwe aririmba indirimbo y'ishimwe. Nta kuntu yaribumenye uko ejo hazaza he hazamera, ariko yari azi ko ejo hazaza h'igihugu cye hari heza. Yuda yagombaga kugaruka nyuma y'imyaka mirongo irindwi, Babuloni yajyaga kuzasenywa, maze Yuda igakomeza kuba ubwoko bwatoranijwe n'Imana.

Habakuki yatangije ubuhanuzi bwe icyasaga no kuruhutsa umutima gutewe n'agahinda cyangwa gushidikanya, ariko ubuhanuzi bwe abusozanya indirimbo y'ishimwe, kuramya, n'icyemezo. Yasoje ubuhanuzi bwe agaragariza ubwoko bw'Imana bwo mu bihe byose no mu bihugu byose uko bahindura akababaro indirimbo y'ishimwe.

Indirimbo n'urugero rwa Habakuki iyo yandika iyo ndirimbo, bigaragaza ikinyuranyo cy'umukristo ukoresha Imana. Umukristo ukoresha imana ni umukristo ukoresha Imana iyo abishatse, nk'uko dukoresha umuriro, amazi, cyangwa ibikoresho by'itumanaho. Indirimbo ya Habakuki ya nyuma igaragaza umuntu ufite kwizera wari uzi Imana, kandi akamenya ko Imana itareka umugambi wayo wo guturutsa Mesiya mu bwoko yatoranyije. Niba amagambo y'Imana yari ukuri, nk'uko Habakuki yizeraga, bivuze ko Imana itashoboraga kureka ubwoko bwayo. Yego hari ubwo bajyaga mu bunyage ndetse bagahanirwa ibyaha byabo, ariko ntabwo bashoboraga kuba barimburwa burundu niba koko ubuhanuzi bwo kuza kwa Mesiya bwari busohore.

Nk'uko Imana yahaye Yobu iyerekwa ritangaje igihe yari mu bihe by'akabaaro, na Yeremiya igiye yandikaga Amaganya ye, Imana ni ko yahaye Habakuki iyi ndirimbo nziza cyane ari mu

bihe bibi cyane by'ubuzima bwe. Dore agace gatoya k'iyo ndirimbo:

"Uwiteka we, numvise inkuru zawe zintera ubwoba,
Uwiteka we, hembura umurimo wawe hagati yo muri iyi myaka,
Hagati yo muri iyi myaka ujye uwumenyesha,
Mu burakari wibuke kubabarira.

N'aho umutini utatoha n'inzabibu ntizere imbuto,
Bagahingira ubusa imyelayo n'imirima ntiyere imyaka,
N'intama zigashira mu rugo n'amashyo akabura mu biraro,
Nta kabuza ko nishimira Uwiteka,
Nkanezererwa mu Mana y'agakiza kanjye.
Uwiteka, Yehova ni we mbaraga zanjye,
Ibirenge byanjye abihindura nk'iby'imparakazi,
*Kandi azantambagiza aharengeye hanjye. (Habakuki 3:2; 17-*19)

(Icyitonderwa: Iyi ndirimbo nijya iririmbwa, abacuranaga bagomba kuyicurangisha ibicurangisha by'imirya.)

Ubutumwa Dukuramo

Nubwo bake muri twe ari bo bajya bahura n'ikibazo Habakuki yari afite, iyo dufite ibibazo biturenze, hari ubwo twerekeza imbaraga zacu z'umubiri, z'amarangamutima, ndetse n'iz'umwuka ku bibazo byacu, cyangwa se tukubaka umunara wo mu mwuka maze tugategereza kubona uko Uwiteka akora mu bugingo bwacu. Natwe rero, kimwe na Habakuki, tukaramya Imana irimo gukora mu buzima bwacu.

Wari wigera kubaka umunara wo mu mwuka- ahantu utegerereza, ubera maso kandi utegere amatwi kugeza ubwo Imana ivugana nawe? Igitabo cya Habakuki kigisha ko dushobora ndetse tugomba kubaka umunara wo mu mwuka maze tugasangisha Imana ibibazo byacu. Imana izadusubiza mu bihe byacu byo gutuza dutegereje, tureba kandi twumva Imana. Hari umushumba w'umunyamwuka wo mu kindi gihe yigeze kuvuga ngo: "Nabwiwe ko Imana itakivugisha ubwoko bwayo nk'uko yavugishije Habakuki. Byaba ari ukuri cyane kuvuga ngo ubwoko bw'Imana ntibugitega Imana amatwi nk'uko byari mu gihe cy'uyu muyobozi wa korari wari ufite impano ikomeye."

Igice cya Cyenda

Ubuhanuzi bwa Zefaniya

Zefaniya na we yari umuhanuzi w'umunsi w'Uwiteka, kimwe na Yoweli. Mu gihe Yoweli we yibanze ku munsi w'Uwiteka mu bihe bya shize, mu bihe biriho, no mu bihe bizaza, Zefaniya we yerekeje ubuhanuzi bwe ku munsi wa nyuma w'Uwiteka uzaba ari kimwe mu bintu byo mu minsi ya nyuma twabwiwe na Yesu, abahanuzi, n'intumwa za Yesu.

Ibigize Umunsi w'Uwiteka (Igice cya 1)

Ubwo Zefaniya yabwirizaga iby'Umunsi w'Uwiteka, yavuze igikorwa cya kirimbuzi kizaba kuri buri kiremwa cyose. Imana yavuze inyujije muri Zefaniya, iti: *"Nzatsembaho ibintu byose biri ku isi, nzatsembaho abantu n'amatungo, nzatsembaho ibiguruka mu kirere n'amafi yo mu Nyanja, n'abakiranirwa, n'ibisitaza byabo, nzaca abantu ku isi. Ni ko Uwiteka avuga."* (1:2-3)

Dushingiye ku buhanuzi bwa Zefaniya, tubona ko Umunsi w'Uwiteka uzaba ari rurangiza kandi uzaba ari ibyago n'amakuba masa. Ntabwo uzaba ureba Abayuda n'Abanyababuloni babajyanye mu bunyage gusa; uzagira ingaruka kuri buri muntu n'amatungo n'inyamaswa zo mu isi, ndetse n'inyoni n'amafi yo mu Nyanja.

Zefaniya nawe yagenjeje nk'abandi bahanuzi maze avanga ubuhanuzi bwe bw'Umunsi wa nyuma w'Uwiteka n'ubuhanuzi bwo gufatwa no kunyagwa na Babuloni ubwo yavugaga aya magambo y'Imana muri iyi mirongo igira iti: *"Nzarambura ukuboko kwanjye ntere ab'i Buyuda n'abatuye i Yerusalemu bose, nzaca ibyasigaye bya Bali aho hantu, n'izina ry'Abakemari hamwe n'abatambyi. Ku munsi w'igitambo cy'Uwiteka nzahana ibikomangoma n'abana b'umwami, n'abambaye imyambaro y'abanyamahanga. Uwo munsi nzahana abasimbuka ibitabo by'amazu bose, bakuzuza inyumba ya shebuja mo urugomo n'uburiganya."* (1:4, 8-9)

Zefaniya yafatanyije n'umuhanuzi Mika maze bashinja abayobozi b'umwuka n'ab'inzego za politiki ba Yuda ubuyobe no kumungwa kw'imyitwarire y'abantu. Bitewe n'ibyaha by'abayobozi b'umwuka n'aba politiki, Imana yahisemo guhana abantu bose, nk'uko tubibwirwa n'aba bahanuzi batoya bombi.

Agatabo #9: Abahanuzi Bato

Iki gihano cy'Imana ku buyobozi ndetse n'abantu bose kigaragaza Imana ishimangira inshingano iha abayobozi, zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage.

Imiterere y'Umunsi w'Uwiteka (Igice cya 2)

Nubwo Zefaniya yibanze ku burakari bw'Imana kuri Yuda kubw'ibyaha byabo mu buhanuzi bwe, yanahanuye Umunsi w'Uwiteka uzagera ku mahanga yose, cyane cyane abatoteje ab'i Buyuda. "Kuri uwo munsi mukuru kandi ukomeye, abantu bo ku isi bose bazabazwa ibyo bakoze ku isi, kandi Imana niyo izabikora. Zefaniya yavuze ko abaramije Imana imwe mu buzima bwabo ari bo bazarokoka uburakari bw'Imana kuri uwo munsi w'ibyago n'amakuba."

Hagati muri ibyo, Zefaniya yashishikarije amahanga kwihana agira ati: *"Nimuteranire hamwe, ni ukuri muterane mwa bwoko butagira isoni mwe, ibyategetswe bitarasohora, umunsi utarahita nk'umurama utumurwa nk'umuyaga, kandi uburakari bukaze bw'Uwiteka butarabageraho, n'umunsi w'uburakari bw'Uwiteka utarabageraho. Mushake Uwiteka mwa bagwaneza bo mu isi mwese mwe, bakomeza amategeko ye. Mushake gukiranuka, mushake no kugwa neza, ahari muzahishwa ku munsi w'uburakari bw'Uwiteka."* (2:1-3)

Nubwo amoko y'abatubaha Imana yari yarakoreshejwe n'Imana guhana Yuda, ntabwo bari abana b'Imana imwe kandi nzima. Zefaniya yabahamagariye kwihana kugira ngo bazarokoke umuriro wo ku Munsi w'uburakari bw'Uwiteka.

Imbarutso y'Umunsi w'Uwiteka izaba gukiranirwa n'ibyaha by'amoko. Zefaniya asobanura abantu b'i Buyuda n'amoko atubaha Imana, yagaragaje ibyaha biterwa n'ubutunzi, guterera iyo, kutizera, kutumvira, igomwa, no gukiranirwa. Dushingiye kubyavuzwe na Zefaniya, tubona ko ibi byaha by'ubwoko bw'Imana n'amoko atubaha Imana nibyo bizazamura uburakari bw'Uwiteka ndetse bikaba imbarutso y'umunsi w'uburakari bw'Uwiteka.

Zefaniya akandi ahanura ko uburakari bw'Uwiteka buzamanuka ku moko atuye mu bibaya by'ibiyaga, avuga ko, *"Ibibaya byo ku nyanja bizaba iby'abasigaye bo mu nzu ya Yuda, niho bzaragira intama zabo. Bazajya barara mu mazu ya Ashikeloni, kuko Uwiteka azabagenderera akagarura abajyanywe ari imbohe."* (7)

Zefaniya kandi yanabwirije yibasira Mowabu na Amoni,

n'Abanyetiyopiya n'Abanyashuri, kugira ngo agaragaze ko amoko atubaha Imana atazarokoka uburakari bw'Uwiteka.

Ibyaremwe Bishya byo ku Munsi w'Uwiteka (Igice cya 3)

Nubwo Zefaniya yacyashye Yuda abahora ububi bw'abayobozi babo no kwigomeka ku Mana (3:1-4), avuga ko ubunyage bwa Babuloni buzaba ari ingaruka z'ibyo bintu byose, nyamara yavuze n'ibyiringiro Yuda izabona ku Munsi w'uburakari bw'Uwiteka. Kuri uwo munsi, amoko y'isi yose azahamya ko Uwiteka ari we Mana (8-11), kandi abarokotse bo muri Isirayeli bazaba ari abizerwa. Haranditse ngo: *"Abarokotse bo muri Isirayeli ntibazakora ibibi habe no kuvuga ibinyoma, n'ururimi ruriganya ntiruzabonekaho mu kanwa kabo, kuko bazagaburirwa, bakaryama ari nta wubakanga."* (13)

Nubwo abantu b'i Buyuda bananiwe gukomeza kubera Imana abizerwa, Zefaniya yahanuye ko Imana izarinda, kandi igakura mu bunyage abarokotse b'abizerwa bazayibera abizerwa iteka ryose maze mu minsi ya nyuma ikagira icyaremwe gishya kandi cyiza. Ubwo buhanuzi tubona busohora igice cy'abwo mu bitabo by'amateka bya Ezira na Nehemiya, n'ibitabo bitatu bya nyuma by'ubuhanuzi tuzasesengura. Aba ni abahanuzi ba nyuma y'ubunyage babwirije abarokotse ubunyage bw'Abanyababuloni.

Ubwo ubuhanuzi bwa Zefaniya bwibanda cyane cyane ku Munsi w'uburakari bw'Uwiteka, hari abantu benshi bizera ko ubuhanuzi bwe ku barokotse b'abagwaneza, baciye bugufi, kandi bakiranuka busohorera mu itorero rya Kristo. Intumwa za Yesu bose bari Abayuda, kandi Pawulo arandika akavuga ko Abanyamahanga bose bavutse ubwa kabiri ari urubyaro rwa Aburahamu (Abagalatiya 3:7) Pawulo nawe aba umuhanuzi iyo avuze ko Imana izigarurira Abayuda kandi ko "Isirayeli yose izakizwa." (Abaroma 9-11)

Igice cya Cumi
Ubuhanuzi bwa Hagayi

Abahanuzi tumaze kuganiraho bose babayeho ndetse babwiriza mbere cyangwa nyuma y'ubunyage bwa Babuloni. Abahanuzi barimo Hagayi, Zekariya na Malaki bitwa "Abahanuzi ba nyuma y'ubunyage", kuko babwirije Abayuda bagarutse bavuye mu bunyage bwo muri Babuloni. Ibitabo cumi na bibiri by'amateka byo mu Isezerano rya Kera bitanga amateka y'aba bahanuzi banditse ndetse babwirije bose. Kugira ngo usobanukirwe neza amateka y'abahanuzi batatu ba nyuma, soma igitabo cya Ezira, cyangwa usome agatabo nanditse kuri icyo gitabo cy'amateka (Agatabo ka 3 na 4), kazakwibutsa ibyo twize ku gutahuka gutatu gutandukanye bava mu bunyage

bw' Babuloni.

Hagayi na Zekariya babwirije abari mu itsinda rya mbere ry'abanyage bavuye i Babuloni. Itahuka rya mbere ryabaye nyuma ho gato y'aho ubwami bwa Babuloni bwafatwaga n'Abamedi n'Abaperesi. Iryo tahuka rya mbere bava mu bunyage ryari rifite intego isobanutse. Impamvu yo gutahuka kwa mbere kwari ukugira ngo bongere kubaka Ingoro cyangwa urusengero rwa Salomo. Iyo ntego cyangwa uwo mugambi niwo ngingo nyamukuru y'ubutumwa bw'ubuhanuzi bwa Hagayi na Zekariya.

Mu buryo bwo gusohoza ubuhanuzi butangaje bwa Yesaya, Umwami w'Ubwami bw'Abaperesi, Igihangange Kuro yatanze iteka riha abanyamahanga uburenganzira n'ibikoresho byo kongera kubaka Ingoro. Nubwo itahuka ryo kubaka Ingoro ryari igitangaza cyiza cyane, gutahuka kwabo ntabwo kwabaye kwiza cyane. Impunzi z'abantu ibihumbi mirongo itanu, basaga nabi bagarutse kugira ngo bubake Ingoro. Ubanza barasaga n'impunzi twumva ndetse tubona kuri za televiziyo muri iki gihe.

Bigeze kuba ingabo zikomeye cyane z'abagabo ibihumbi magana atandatu b'intwari, batinywaga n'abantu, nk'ababaga mu mirwa ikomeye ya Kanani (Yosuwa 2:9-14). None ubu nta n'ingabo bagiraga, kandi nta n'ubwo bari igihugu. Icyiyongeye kuri ibi ni ukuntu batunguwe no kumenya ko igihugu cyabo cyari gituwemo n'ubwoko bw'abapagani batabifurizaga ineza. Ubu tumaze kumenya amateka ndetse n'ikibazo cyari cyugarije umuhanuzi Hagayi n'umuhanuzi Zekariya.

Ubutumwa bwa Hagayi

Abantu Abayuda basanze batuye muri Yerusalemu na Yudaya bari barafashwe n'Abanyababuloni maze babimura mu gihugu cyabo babatuza mu gihugu cya Yuda. Barwanyije cyane iyubakwa ry'Ingoro. Nyuma yo kumenya ko icyatumye aba Bayuda bakomera cyari muri iyo Ngoro, barwanyije ndetse batoteza ubwoko bwa Yuda batangiye kubaka. Ubwoko bwa Yuda bwatewe ubwoba cyane n'uku kurwanywa kubi ku buryo bahagaritse kubaka Ingoro mu gihe cy'imyaka cumi n'itanu. Batakaje umugambi wabo maze barangazwa no kubaka amazu yabo bwite. Aho niho umuhanuzi Hagayi yaziye!

Wibuke ko inshingano y'umuhanuzi kwari ukurira arizwa n'inzitizi yari izitiye umurimo w'Imana kugeza ubwo iyo

nzitizi ikurwaho maze umurimo w'Imana ugakomeza gukorwa. Umurimo w'Imana mu gihe Hagayi yariho ndetse yahanuye kwari ukongera kubaka iyo Ngoro. Gutakaza intumbero mu bwoko bw'Abayuda nicyo cyari ikibazo kizitiye umurimo w'Imana. Hagayi yabwirije ibibwiriza bine bikomeye byatumye iyo Ingoro yubakwa irarangizwa.

Ikibwiriza cya Hagayi cya Mbere: "Tunganya iby'Ibanze bwawe." (Igice cya 1)

Kimwe cya kabiri cy'Igitabo cya Hagayi kigizwe kandi gisobanura ingaruka z'ikibwiriza cya Hagayi cya mbere. Muri iki kibwiriza, Hagayi yahize Abayuda ati: "Nimwite ku myitwarire yanyu!" Ubutumwa bwa Bibiliya yose bwashyirwa mu magambo abiri gusa, ari yo: "Imana Mbere!" Guhigwa izi mpunzi zahizwe na Hagayi kwari uku: "Mwite ku gihe cyanyu n'igihe cy'Imana. Mufite igihe cyo gukora ibikorwa byanyu, ariko nta gihe mufite cyo kubaka inzu y'Imana."

Nuko maze Hagayi avugira Imana ati: "Nimwite ku Byanjye! '*Mwiringiraga kubona byinshi ariko dore byabaye bike; mubizanye imuhira mbitumuza umwuka wanjye. Ibyo byatewe n'iki?' Ni ko Uwiteka Nyiringabo abaza. Byatewe n'inzu yanjye isigaye ari umusaka, kandi umuntu wese wo muri mwe yihutira kwiyubakira iye nzu."* (1:9)

Hari uwavuze ko Hagayi yabawbiye ko barimo gushyira amafaranga yabo mu isogisi rifite imyenge. Iyo umuhanuzi abahigiye kwita ku murimo w'Uwiteka, ijambo Uwiteka aba ababwira ni uko ari we urimo gushyira umwenge mu isogisi ryabo.

Hagayi yarimo gushishikariza aba Bayuda kureba ibyo barimo gukora, n'ibyo Uiwteka arimo gukora. Bitewe no kutita ku by'ingenzi byateye Uwiteka gutera amapfa ku mirimo yabo yose no ku Bayuda ubwabo (10,11). Imana yabimye imvura ahubwo ibohererereza amapfa. Umurimo wabo wose nta musaruro watangaga, kandi byose byari ingaruka yo kudashyira Imana ku mwanya wa mbere.

Ubanza Hagayi yari umubwiriza butumwa ukomeye kuko abantu bahise bamwumvira. Bamenye ibyagombaga guhabwa ibanze maze basubukura umurimo wo kubaka Urusengero cyangwa Ingoro. Ikibwiriza cya Hagayi cya mbere cyarimo ibice bibiri. Igice cya kabiri cya cyo ni ibyabaye nyuma yo kumvira kwabo. Igisobanuro cy'igice cya kabiri ni: "*Ndi kume namwe. Ni ko Uwiteka avuga*!" (13) Bamaze gushyira ku

murongo uko ibintu bigomba gukurikirana, Imana iherako ibana nabo. Imana yabahaye umugisha ndetse iha umugisha umurimo wabo kuko bashyize Imana ku mwanya wa mbere.

Ikibwiriza cya Hagayi cya Kabiri: "Tunganya Imyumvire Yawe" (2:1-9)

Urusengero rwa mbere rwa Salomo rwubakishijwe ibikoresho by'agacira, nka zahabu, ifeza n'andi mabuye y'agaciro. Icyubahiro cya Salomo cyose n'ubutunzi bwa Salomo bwose nibyo byari byaratanze ibikoresho byubatse Urusengero rwa mbere. Ubwo abasigaye bo mu bwoko bwa Yuda bongeraga kubaka Urusengero rwa Salomo, bari abakene cyane. Ibikoresho bari bafite babikuye mu bisigazwa by'urusengero rwa mbere, cyangwa ibyo bahawe n'umwami w'Abaperesi, Umwami Kuro.

Abenshi mu bantu barimo kubaka Urusengero rwa kabiri ntabwo bari barabonye Urusengero rwa mbere, kuko bavukiye mu bunyage. Abantu bakuru bari barabonye Urusengero rwa mbere nta kindi bakoraga uretse kuririra Urusengero bazi ko rutazigera ruba rwiza nk'urwa mbere (Ezira 3:12,13)

Mu kibwiriza cya Hagayi cya kabiri, umuhanuzi Hagayi cyyavuze akababaro no gucika intege abari bakuru bari bafite. Hagayi yabibukije ko agaciro k'Urusengero ari ako mu mwuka, ntabwo kari ako mu mubiri cyangwa ibifatika. (Urusengero rwo mu Butayu rwari Ihema!) Hagayi kandi yibukije aba batahutse ko Umwuka w'Imana yari kumwe nabo.

Ikibwiriza cya Hagayi cya kabiri cyavuze icyifuzo cy'abantu cyo gutunganya imyumvire yabo. Ijambo "imyumvire" risobanuye "kurebera mu kintu." Hari igihe ibyanditswe bidushishikariza kwibuka, kandi hari igihe Ibyanditswe bitubwira kwibagirwa ibyashize.

Hari ubwo gusubiza amaso inyuma bidukomeretsa cyane ku buryo Imana ikoresha abahanuzi nka Hagayi kudushishikariza kugira inzozi, zidufasha kurenza amaso ibiriho ndetse n'ejo hazaza tukareba ibyo Imana ishaka ko dukora twirengagije inzitizi n'ibirangaza. Ni icyo ubutumwa bw'ikibwiriza cya Hagayi cya kabiri bwari buvuze.

Ikibwiriza cya Hagayi cya Gatatu: "Garagaza Ikigutera Gukora Ibyo Ukora." (2:10-19)

Abaheburayo bamaze gutangira imirimo yo kongera kubaka Urusengero bashakaga guherako bakabona umugisha

wasezeranyijwe n'Imana mu gice cya kabiri cy'ikibwiriza cya Hagayi cya mbere. Bamaze igihe cy'amezi menshi bakora mu itumba no mu mpeshyi batabona umugisha bari bategereje.

Hagayi aza kubaza ibibazo bibiri abo bantu bari bababye. Ubwo abatambyi ari bo basubije ibibazo byabajijwe abantu byerekeye ku byanditswe, Hagayi yabajije abatambyi ibyo bibazo biriri. Ikibazo cya mbere yababajije kigira kiti, *"Umuntu yajyana inyama yera mu kinyita cy'umwambaro we, agakoza icyo kinyita ku mutsima cyangwa ku byokurya byatetswe, cyangwa muri vino cyangwa amavuta ya elayo, cyangwa mu byokurya bindi aho byaba byera?"* Abatambyi basubije iki kibazo bagira bati, "Oya." Maze ababaza ikibazo cya kabiri ati, "*Umuntu wandujwe n'uko akoze ku ntumbi, yakora kuri ibyo bintu* bikandura? Abatambyi baramusubiza bati "Byakwandura."

Ababaza ibi bibazo yarimo kugaragaza impinduka yabaye mu bantu kuva aho baviriye mu bunyage. Mbere y'ubunyage, bari bameze nk'umuntu wanduye. Bitewe n'ibyaha byabo, icyo bakoragaho cyose cyaranduraga. Ariko binyuze mu gihano cyo kujyanwa mu bunyage, bari barejejwe, ubu rero imirimo yabo yo kubaka urusengero yafatwaga nk'iyejejwe.

Icyo bagombaga gusobanukirwa noneho, ni uko kwera bidahita biza ako kanya, nk'uko indwara ifata. Icyaha ni uko gifata ariko bisaba igihe kugira ngo umuntu yere. Iyo imigisha iza kuba itangwa bitewe no kumvira, ubwo imigisha y'Imana iba ari ingaruka z'imirimo myiza, atari ubuntu bw'Imana. Kubaha Imana nibyo bigomba kudutera kwera, ntabwo tugomba kubiterwa no gushaka ngo tubone umugisha. Mu kibwiriza cye cya gatatu, Hagayi yarimo kubashishikariza gusobanura icyabateraga gukorera Imana bubaka Urusengero.

Ikibwiriza cya Hagayi cya Kane: "Garagaza Ibiguteye Ubwoba." (2:21-23)

Bagarutse i Yerusalemu, nta buryo bari bafite bwo kwirinda kandi nyuma y'imyaka mirongo irindwi bari mu bunyage, bakoreshwa imirimo y'uburetwa, bari bafite ubwoba bwo kuba bafatwa bakongera gusubizwa mu buretwa.

Ikibwiriza cya kane cya Hagayi kivuga ubwoba bari bafite. Yahanuye ko Imana izatsinda amahanga batinyaga, ndetse avuga n'imigambi y'Imana yo kunyeganyeza ijuru n'isi.

Agatabo #9: Abahanuzi Bato

Mu kibwiriza cye cya kane, Hagayi yahanuye ko Imana igiye kuzanyeganyeza isi kugeza ubwo ibizasigara ku isi ari ibintu bitanyeganyega byonyine. Umwanditsi w'igitabo cy'Ababeburayo avuga ibyanditswe mu kibwiriza cya Hagayi cya kabiri maze akatubwira ko twahawe ubwami butanyeganyezwa (Ababeburayo 12:26-29). Iki ni cyo ikibwiriza cya Hagayi cya kane kivuze.

Ubutumwa Dukuramo

Shyira mu bikorwa mu buzima bwawe ubutumwa bw'uyu muhanuzi ukomeye. Ni bintu ki bihabwa ibanze mu buzima bwawe? Mbese Imana irimo guha umugisha umurimo wawe? Mbese ubundi umeze ute mu buzima bwawe bw'umwuka? Uruhande rubi rw'igihano Imana yahaniye guhitamo nabi kw'Abayuda batahutse ni uko Imana yabateje amapfa ku buzima bwabo, no ku mirimo y'amaboko yabo. Hari aho wari wagera ukabona nk'aho uri mu bihe by'amapfa yo mu mwuka? Iyo Imana itarimo guha umugisha imirimo y'amaboko yawe, kandi iyo wisanze ahantu humye mu mwuka, ubwo ubutumwa uhabwa na Hagayi ni: "Itondere inzira zawe," kandi "Witondere inzira z'Uwiteka."

Ufite myumvire ki? Mbese ufite iyerekwa rizima? Mbese waba ukomeze gusubiza amaso inyuma maze ukagereranya umurimo Imana yakoze mu buzima bwawe kandi Imana ishaka ko witondera umurimo irimo gukora uyu munsi n'ejo hazaza?

Ni bintu bigutera gukorera Imana? Mbese ushaka imigisha yihuse iyo ukorera Uwiteka? Waba urimo gukora umurimo w'Imana kuko ushaka guhabwa umugisha ako kanya?

Ni ibiki bijya bigutera ubwoba? Hagayi na we yifatanya na Petero kugira ngo bakumenyeshe ko wakwikoreza Imana amaganya yawe yose, kuko ikwitaho. (1 Petero 5:7) Nyuma yo gusoma ubuhanuzi bwa Hagayi, imerera kwizera kwawe kugaragaze iby'agaciro byawe, imyumvire yawe, imigambi yawe, ndetse n'ibiguteye ubwoba.

Igice cya Cumi na Kimwe
Ubuhanuzi bwa Zekariya

Iyo Hagayi abwiriza ibibwiriza bye bine bikomeye, hari ubwo usa n'uwumva umuhanuzi wari ukiri mutoya mu myaka witwaga Zekariya abwira umuhanuzi Hagayi wari mukuru mu myaka ati, "Ariko Hagayi we, iyo abantu nta burinzi bafite kandi bahohoterwa ntabwo baba bafite uko bakwirinda

ubwabo; iyo abantu badafite ibyiringiro kandi bacitse intege bageze aho kwiheba; iyo abantu batagira kirengera kandi batsinzwe batewe ubwoba no gutotezwa; abo bantu baba bakeneye kumva ubutumwa burenze "Komera maze ukore" gusa. Iyo abantu batewe akababaro n'ikibazo runaka cyangwa ibyago, icyo baba babona gusa n'ingaruka mbi z'icyo kibazo cyangwa icyago.

Abahanuzi bitwaga ba "Bamenya" kuko bashoboraga kubona ko Imana ari yo irimo gukora ibirimo kuba, bakabona ibyo ishaka gukora na nyuma y'ibyo birimo kuba icyo gihe. Bamenya yashoboraga kubona cyangwa kumenya ibyo abandi batabonaga, kuko bamenya yabonaga Imana. Zekariya ni umwe muri ba bamenya bakomeye cyane bo muri Bibiliya.

Zekariya yizeraga ko abantu b'i Buyuda bari bakeneye iyerekwa ry'Imana ishobora byose, Imana yari kumwe nabo, Imana yashoboraga kubakomeza, ndetse no kubarwanirira. Imana yakoresheje kubwiriza kwa Zekariya guha iryo yerekwa ry'Imana bwite, izo mpunzi zari zicitse intege, zaratsinzwe kandi zifite akababaro.

Imyandikire y'Igitabo cya Zekariya

Ubuhanuzi bwa Zekariya bugizwe n'amarekwa umunani Zekariya abwira jyewe, na we n'izo mpunzi. Agaragaza ikibazo cyateraga aba Bayuda b'abacika cumu ry'ubunyage gucika intege n'agahinda. Iyo arangije yongera gushyiraho inyegamo maze akavuga iyerekwa ry'ukuntu Imana irimo gukorera muri icyo kibazo. Ibyo abikora inshuro umunani muri ubu buhanuzi bukomeye. Ni uko igitabo cya Zekariya cyanditse.

Ubutumwa bwa Zekariya

Ubutumwa Imana yanyujije muri Zekariya bwaravugaga ngo, "Nimungarukire, nanjye nzabagarukira." Kimwe n'Abayuda bo muri Izirayeli muri iki gihe, izi mpunzi zarimo kugaruka mu gihugu cya gakondo yabo nk'uko byari byarahanuwe n'abahanuzi benshi. Imana yakoresheje Zekariya abwiriza maze isaba ubwoko bwayo kugaruka mu buryo bw'umwuka, atari ukugaruka mu murwa cyangwa mu Rusengero, ahubwo kuyigarukira. Nubwo ibi bitari byaba ku Bayuda bo muri Isirayeli muri iki gihe, Zekariya, abandi bahanzui n'Intumwa Pawulo bahanuye uko kugaruka cyangwa gutahuka ko mu

mwuka ubwo “Abisirayeli bose bazakizwa.” (Zekariya 8:20-23; Abaroma 11:26; Yesaya 59:20,21)

Zekariya avuga ijambo, “Uwiteka Nyiringabo” inshuro mirongo itanu n’eshatu bivuga yuko Imana ari Umwami w’ingabo z’abamarayika, inyenyeri, n’imbaraga karemano zose, Imana ijya ikoresha gusohoza imigambi yayo muri iyi si. Hari ukuntu aya magambo ashyira mu ncamake ubuhanuzi bwa Zekariya kuko amerekwa ya Zekariya yose atubwira ko yabonye Imana ari “Uwiteka Nyiringabo,” mu gihe ubwoko bw’Imana nta mbaraga za politiki n’igisirikare bwari bufite.

Zekariya yabonye Uwiteka Nyiringabo akorera ubwoko bw’Imana mu buryo butatu. Mbere na mbere, hari Uwiteka Nyiringabo ubwe. Uburyo bwa kabiri kandi bw’ingenzi cyane Imana izakoresha kugarura ubwoko bwayo ni igihe azakoresha uwo Zekariya yise “Ishami.” Uretse ibice mirongo itandatu na bitandatu bigize igitabo cya Yesaya, ibice cumi na bine by’igitabo cya Zekariya nibyo birimo ubuhanuzi buhanura Mesiya kurusha undi muhanuzi wundi wese. Ubwo Mesiya yazaga mu buryo bwo gusohoza ubuhanuzi bwa Zekariya, Kristo yabwiye ubwoko bw’Imana neza ati, “Ni jye nzira (ibasubiza ku Mana)... kandi nta wujya kwa Data ntamujyanye!” (Yohana 14:6)

Uburyo bwa gatatu Zekariya yabwirije ko Imana izatugarukira kandi ikatwigarurira ni isezerano rya Pantekote rizwi cyane, rigira riti: *“Si ku bw’amaboko kandi si ku bw’imbaraga, ahubwo ni ku bw’Umwuka wanjye. Ni ko Uwiteka nyiringabo avuga.”* (4:6) Zekariya yahanuye igitangaza gikomeye cya Pantekote n’imigisha y’Imana ku bwoko bw’Imana kuri uwo munsi ukomeye.

Zekariya avuga ibi yatanze ishusho nziza y’Ubutatu butagatifu. Uwiteka Nyiringabo ni Imana Data; inzira igarura ku Mana Data ni Ishami, ari we Mwana. Ubwoko bw’Imana nibugarukira Imana bunyuze mu Mwana, Umwana azabaha imbaraga za Pantekote z’Umwuka Wera.

Amerekwa Umunani ya Zekariya

Ijambo “apokalipuse” ni ijambo ry’Ikigiriki risobanuye “Guhishurirwa.” Ihishurirwa risobanuye “guhishurwa. Ijambo “apokalipuse” rivuze, “Gukuraho inyegamo cyangwa irido maze ukagaragaza ubundi ikitari bugaragazwe n’ubundi buryo

bwose." Zekariya rero akuraho inyegamo inshuro umunani maze akereka ubwoko bw'Imana icyo Imana yarimo gukora inyuma y'iyo nyegamo hashingiwe ku byarimo kuba. Imana yahaye Zekariya ayo merekwa kugira akomeza abanyantege nke, ndetse asubize ibyiringiro mu bari bihebye bo mu bwoko bw'Imana.

Iyerekwa rya Mbere: Iyerekwa ry'Ahantu Hijimye (1:7-17)

Dushingiye ku byanditswe n'abahanga mu bya Bibiliya benshi, tubona ko umuntu wari uhagaze hagati y'ibiti byari mu kabandei yari ahagarariye ibihe biruhije izi mpunzi zarimo. Igihe barimo cyo hagati yo kuva mu buretwa n'ubunyage bwa Babuloni, n'ikibazo cyo kubaka Urusengero barwubakishije ibisigazwa by'urwa mbere rwasenywe, cyari igihe kigoye cyane kuri aba bantu. Mu yandi magambo, bisanze mu kabande. Inzitizi yari "imbere y'inyegamo" yabacaga intege ni uko batari igihugu, ahubwo bari itsinda ry'impunzi bakennye cyane. Bari muri bya bihe biruhije cyane byo kuva mu buzima ujya mu bundi twese tujya tugeramo.

Zekariya akuyeho inyegamo yabonye icyo yise, "Uwarebaga", uwo yari Uwiteka nyiringabo. Imana yari izi ibirimo kuba kandi Imana niyo yarimo kuzana izo mpinduka mu bwoko bw'Imana. N'imbeshyerwa yuko Imana ari yo yahagaritse ubunyage mu buryo bw'igitangaza. Mu gihe yagennye kandi mu buryo yagennye Imana izasohoza umugambi wayo ku buzima bwabo igarure ubwoko bwayo muri gakondo yabo, n'imitima yabo imugarukire.

Iyo Imana ishaka gukora ikintu gishya mu bugingo bwacu, iyo ishaka kutujyana ahantu hashya, abenshi muri twe, akenshi tuyigaragariza inziti eshatu. Kuko turi ibiremwa bikunda umutekano kuruta ibindi byose, ntabwo tuba dushaka kuva aho dutuye kandi dukorera hatekanye. Ubwo rero bigasaba ko yabanza kudukura aho turi kugira ngo itujyane ahashyashya. Niyo mpamvu umuhamgaro w'Imana igihe cyose ugire inzego ebyiri, ari zo: Gukurura uhereye imbere no gusunikwa uherey inyuma. Mu yandi magambo, Imana igomba kudukura mu bishaje kugira ngo ibone kutugeza mu bishya. Hari igihe waba wibuke Imana yagukoreye icyo gitangaza? Bene ibyo bitangaza mbyita "Gukora kw'Ijuru."

Iyo turi mu rungabangabo rw'ibishaje n'ibishya, bisaba ko Imana yacu idushoboza kugira ngo idukure muri urwo

rungabangabo. Yarangiza ikadutunganya kugira ngo itugeze ahantu hashya no mu kintu gishya ishaka gukora mu bugingo bwacu no murimo dukora. Igihe ubwoko bwa Isirayeli bwari muri Egiputa kandi Imana ishaka ko bajya mu Gihugu cy'Isezerano, Imana yavuze icyo gitangaza muri ubu buryo, iti: "Adukurirayo kutujyana." (Gutegeka kwa Kabiri 6:23)

Iyerekwa rya Kabiri: Amahembe Ane (1:18-21)

Muri Bibiliya, amahembe ni ikimenyetso cy'imbaraga. Ikibazo cy'inzitizi cyari imbere y'inyegamo cyabateraga ubwoba zari imbaraga zikomeye cyane z'ubwami bwo mu isi bwari bwarabafashe ndetse bubakoreshwa uburetwa igihe bari igihugu gikomeye. Ibihugu by'ibihangange mu isi byashoboraga kuba byakongera kubafata ndetse bikongera kubakoresha uburetwa.

Zekariya akuyeho inyegamo, icyo yabonye imbere y'inyegamo kandi akakereka izi mpunzi cyabateye imbaraga kandi kibasubizamo ibyiringiro. Nyuma yo gukuraho inyegamo, Zekariya yahishuye ibihugu by'ibihangane Uwiteka Nyiringabo yari kuzakoresha kurimbura ayo "mahembe" cyangwa ibihugu bikomeye cyane batinyaga ko byabafata bikabakoresha uburetwa.

Iyerekwa rya Gatatu: Umurwa wa Yerusalemu (2:1-4, 10-13)

Ikibazo cyari imbere y'inyegamo ni ibisigazwa by'icyahoze ari umurwa mwiza wa Yerusalemu. Zekariya akuyeho inyegamo, icyo yabonye inyuma y'iyo nyegamo kandi akagihishurira abantu ni umurwa mwiza cyane wa Yerusalemu wari wongeye kubakwa. Iryo hishurirwa ryaberetse ko icyari umusaka n'ibishingwe kizaba umurwa ukomeye cyane kandi munini cyane, kandi urizwe n'Uwiteka Nyiringabo, ku buryo uwo murwa wa Yerusalemu utazakenera inkike ziwurinda.

Umurwa wa Yerusalemu n'Urusengero byarubatswe biba umurwa n'Urusengero byasuwe na Yesu inshuro nyinshi. Hashize imyaka mirongo ine nyuma yo gupfa kwa Yesu, ubwami bwa Roma bwasenye umurwa wa Yerusalemu burundu nyuma nibwo waje kubakwa uko umeze ubu. Imihango yose yakorwaga mu gihe gutamba ibitambo yarirengagijwe ubwo Roma yarimburaga Yerusalemu mu mwaka wa 70 Nyuma yo gupfa kwa Yesu. Nubwo ubuhanuzi bwa Zekariya bwasohoyeho igice ubwo Yerusalemu yongeraga kubwakwa mbere yo kuza kwa Kristo, na nyuma yo gusenywa

na Abaroma, isohora ryuzuye ry'ubu buhanuzi ni Yerusalemu nshya yahanuwe n'Intumwa Yohana (Ibyahishuwe 21:2).

Iyerekwa rya Kane: Umurezi wa Bene Data (3:1-2; 8-10)

Ikibazo Zekariya yaragaje cyari imbere y'inyegamo gica intege izo mpunzi ryari iyerekwa rya Yosuwa wari umutambyi mukuru wabo wari wambaye imyenda isa nabi cyane. Muri iryo yerekwa, Satani yarimo kurega Yosuwa. Ikizinga kibi cyane batewe n'icyaha cyo kuramya ibigirwamana, bari barababariwe kandi bogejweho n'ubunyage bagiyemo, ni cyo cyari inshingiro ry'ibirego by'umwanzi.

Satani w'umurezi akoresha ingaruka cyangwa ibizinga by'ibyaha byababariwe kugira ngo arege abera b'Imana amanywa n'ijoro. Tubwirwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe ko iyi mikorere y'umubi nimara gushyirwa hasi, ari bwo agakiza, n'imbaraga, n'Ubwami bw'Imana yacu, n'imbaraga za Kristo bizaza (Ibyahishuwe 12:10)

Iyo Zekariya akuyeho inyegamo, abona kandi agahishurira abantu iyerekwa yagize ry'Ubutatu Butagatifu rivuga Uwiteka Nyiringabo, no kuza k'urukundo n'imbaraga z'Imana, binyuze muri Mesiya, yita "Umurengezi." Kandi yongera kubona n'Umwuka Wera, ndetse n'ibitangaza bizaba mu gihe cyo Kugaruka kwa Yesu Kristo.

Iyerekwa rya Gatanu: Igitereko cy'Itabaza cy'Izahabu n'Amasoko y'Amavuta (4:1-7)

Ikibazo cyari imbere y'inyegamo muri iri yerekwa cyateraga impunzi z'Abayuda gucika intege ni inshingano bahawe n'Imana yo kubwiriza isi yose Ijambo ry'Imana. Kuko ari bo bahawe Ijambo ry'Imana kugira ngo barishyire isi yose, bari bafite inshingano yo kurishyira mu bikorwa no kuribwira isi yose. Ibisigazwa by'Urusengero rwa senywe, umurwa wasenywe, igihugu cyabo cyasenywe, ndetse n'ubugingo bwabo bwasenywe, byatumye bibona nk'ingero mbi cyangwa abigisha b'Ijambo ry'Imana bananiwe inshingano bahawe.

Wari waba mu butayu bwo mu mwuka ubitewe n'indwara, akababaro, cyangwa se ubundi buryo bwo kunanirwa ko mu mwuka aho umubisha akoresha ibi bintu kukurega? Mbese umwanzi yari yakongorera uri muri ibyo bihe biruhije ati, "Uribuka ko ugomba kubera isi yose icyitegererezo, kuba umunyu n'umucyo w'isi?"

Zekariya akuyeho inyegamo, yabonye Umwuka Wera wari uhagarariwe n'amasoko y'amavuta, kuko handitse ngo: *"Si kubw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye. Ni ko Uwiteka nyiringabo avuga."* (4:6) Iri yerekwa ryabemeje ko Uwiteka azabashoboza kuba icyo yabahamagariye kuba, no gukora icyo yabahamagariye gukora, bashobojwe n'imbaraga z'Umwuka Wera. Aha ni ho Zekariya, kimwe n'umuhanuzi Yoweli aduha ubuhanuzi butangaje bw'Umunsi wa Pantekote.

Iyerekwa rya Gatandatu: Umuzingo Uguruka (5:1-4)

Ikibazo gikingirijwe n'inyegamo muri iri yerekwa ni uko impunzi zatashye zari zaratsinzwe n'ikibazo ndetse n'imbaraga z'ikibi. Iyo ibihe ari bibi mu gice cy'isi dutuyemo, biroroha, n'ubwo atari byiza ko dutsindwa n'imbaraga z'ikibi. Ubu bubata no gutotezwa n'imbaraga z'ikibi byemezaga ubwoko bw'Imana ko imbaraga z'ikiza n'imbaraga z'Imana zitanesha imbaraga z'ikibi.

Zekariya yongeye gukuraho ya nyegamo, yarebye inyuma yayo, maze ahishurira abantu Uwiteka Nyiringabo wari ushoboye gushoboza ubwoko bw'Imana kunesha imbaraga z'ikibi. Dushingiye kuri iri yerekwa rya Zekariya, tubona ko Imana itegeka, ihosha, kandi hari n'ukuntu ikoresha ikibi kugira ngo yiheshe icyubahiro, no gusohoza imigambi yayo. Nubwo ari nta cyiza cy'ikibi, Imana ikoresha ikibi kugirira neza ubwoko bwayo (Yesaya 45:7; Abaroma 8:28)

Iyerekwa rya Karindwi: Umugore Wicaye mu Ndengo (5:5-11)

Ikibazo gikingirijwe n'inyegamo, kigaragazwa na Zekariya muri iri yerekwa ni ukubeshya kwari mu bakozi bo muri iyi si. Zekariya akuyeho inyegamo yagaragaje ko kubeshya ko mu bakozi bo muri iyi si guhagarikwa kandi gukumirwa n'Uwiteka Nyiringabo.

Nubwo tutabisobanukiwe, ariko Imana ikoresha ibibi gusohoza imigambi ya yo no kwiyubahisha. Nk'uko umucuzi akoresha umwenda wa veruru kumurikiraho amabuye y'agaciro ya diyama, Imana na yo ikoresha ahantu hijimishijwe n'ikibi muri iyi si kugaragaza urukundo rwayo ruhoraho. Urwo rukundo rwagaragariye mu kubabarirwa no gucungurwa k'ubwoko bwayo bukurwa mu bunyage, kandi kuzagaragazwa n'agakiza katugarura ku Mana ndetse nayo ikatugarukira.

Iyerekwa rya Munani: Amagare Ane y'Intambara (6:1-8)

Ikibazo Zekariya agaragaza muri iri yerekwa, cyateraga ubwoba ubwoko bw'Imana ndetse kibatera akababaro ni uko ubutegetsi bw'abantu bwari bubi cyane ku buryo ubwoko bw'Imana bwari bwaratakarije ikizere ubwo buyobozi. Mu isi yose muri iki gihe, harimo ingaruka z'ubutegetsi bubi ndetse bumunzwe, ku buryo abantu b'inyangamugayo batakarije icyizere imikorere ya politike, n'abayobozi ba bo ba politike.

Icyo Zekariya yabonye akuyeho inyegamo gisa n'ubutumwa bw'umuhanuzi Mika. Ubwami bw'Imana nibwo butegetsi buboneye bwonyine. Mbere yuko Umwami w'abami n'Umutware w'abatware ategeka, nta butegetsi buzabaho budafite ikibazo cya ruswa cyangwa kumungwa. Icyakora, nk'uko biri mu merekwa abiri yabanje, tubona ko Imana ari yo itegeka. Uwiteka Nyiringabo asumba byose. Ubutegetsi bw'Ubwami bw'Imana buteguye neza kandi buzaba buteguye neza, kandi buzabamo umuteka n'amahoro.

Ubuhanuzi bwa Zekariya bwo Kuza kwa Mesiya

Benshi mu bayobozi b'ubwoko bw'Imana ntabwo bizeraga Mesiya uzaza gucungura, kandi bacaga intege ababyizeraga. Ubuhanuzi bwa Zekariya bwo kuza kwa Mesiya bwagaragazaga ko Imana izimika Umwami w'abami n'Umutware w'abatware uzahuriramo inshingano z'Umuhanuzi, Umutambyi n'Umwami mu butegetsi bwe bw'imyaka igihumbu.

Bumwe mu buhanuzi bwa Zekariya buhanura Kuza kwa Mbere kwa Mesiya ni: 3:8; 9:9, 16; 11:11-13; 12:10; 13:1,6). Zimwe mu ngero z'ubuhanuzi bwa Zekariya buhanura Kugaruka kwa Mesiya ni: 6:12; 8:20-23; 14:1-9). Kimwe muri ibyo byanditswe ni ubuhanuzi bwa Zekariya buhanura gutahuka kw'Abayuda. Hari abahanga mu bya Bibiliya bemera ko ubu buhanuzi bushobora kuba bwarasohoyeho igice ku Munsi wa Pantekaote kandi bukazasohora burundu mu bihe bya nyuma (8:20-23).

Igice cya Cumi na Kabiri
Ubuhanuzi bwa Malaki

Mu myaka yashize muri Amerika y'Amajyarugu hari icyorezo cy'abayobozi b'iyobokamana bagize ibibazo by'imyitwarire mibi n'ubuyobe bwo mu mwuka. Igitabo cya nyuma cyo mu Isezerano rya Kera kirimo ubutumwa bw'abayobozi b'ubuzima bw'umwuka cyangwa iyobokamana. Hoseya yavuze neza ati: "Uko bimeze kuri rubanda, ni ko bizaba no ku batambyi." (Hoseya 4:9) Iki ni cyo gituma kugwa k'umuyobozi wo mu mwuka gukomeretsa cyane ubwoko bw'Imana, umurimo

w'Imana, netse n'icyubahiro cy'Imana. Malaki atanga ibigize cyangwa ibitera kugwa k'umuyobozi wo mu mwuka. Umugambi we ni ukugira ngo yereke abayobora ubwoko bw'Imana uko bakwirinda iyo mikorere mibi n'ukuntu bakubura umubano n'Imana igihe baguye.

Malaki yakurikiranye na Hagayi na Zekariya ku buryo hagati ye nabo hanyuzemo imyaka igera ku ijana, ndetse hagati ye na Neremiya hanyuzemo imyaka igera ku icumi. Yahanganye n'ibibazo bimwe n'ibyo Nehemiya yahanganye na byo, nk'icyorezo cy'ubutane, ubusambanyi, n'abatambyi bamunzwe (Nehemiya 13:23-25). Ubwo yifatanyije n'abandi bahanuzi avuga ko ibyo bibazo biterwa n'abatambyi bamunzwe, ubutumwa bwe bwinshi abubwira abatambyi ari bo bari abashumba bo mu mwuka b'ubwoko bw'Abayuda.

Uyu muhanuzi wagiraga umwete avuga ko abatambyi bari barataye inzira z'Imana, ntabwo bumviraga Imana, inzira zabo z'ibyaha zatumaga benshi bakora ibyaha, ingeso z'abatambyi zari zikojeje isoni imbere y'abantu bose, kandi barimo guhindura umurimo w'ubutambyi ikintu kibi cyane. (2:7-9)

Yari umuhanuzi igihe ubwoko bw'Imana bwarimo kunyura mu bimenyetso, bafite idini ritarimo ubuzima, kandi banga umubano n'Imana. Bari barakonje mu mwuka kandi nta cyo bitayeho kugeza ubwo byateye akababaro uyu muhanuzi. Ubuhanuzi bwa Malaki bwabaye imbuzi ku bayobozi bo mu mwuka b'ubwoko bwa Yuda ko gushyira ku murongo ndetse na gahund abitagira ubuzima ari bumwe mu buryo busobanura intumbi.

Uyu muhanuzi wa nyuma wo mu Isezerano rya Kera ntabwo yabwirije amerekwa nk'uko Zekariya yabigeneje cyangwa nka Hagayi wahize ubwoko bw'Imana kubaka Urusengero. Umutwaro wari mu mutima we ndetse n'umutwaro w'ubutumwa bwe ni uko Imana yashakaga kugirana umubano w'urukundo n'ubwoko bw'Imana, nyamara abatambyi n'ubwoko bwa Yuda ntabwo bashakaga kumenya no gukunda. Kimwe na Hoseya, Malaki nawe yizeraga ko ubwoko bw'Imana bwarimo gukora icyaha cy'ubusamabanyi bwo mu mwuka n'isi.

Ubwo Kristo wazutse yandikiraga urwandiko itorero rya mbere ryo mu murwa wa Efeso, yarabacyashye kuko yagize ati *"Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo*

rwawe rwa mbere." (Ibyahishuwe 2:4) Ikibazo cyavuzwe n'uyu muhanuzi ni uko ubwoko bwa Yuda, cyane cyane abatambyi babo, bari baratakaje urukundo rwabo rwa mbere-umubano wabo ni Imana, kandi bari babayeho ubuzima bw'ibyaha.

Atangirana ubuhanuzi bwe n'aya magambo meza: "Ijambo ry'Uwiteka yahanuriye Abisirayeli aritumye Malaki. 'Narabakunze,' ni ko Uwiteka avuga." (1:1,2) Abantu benshi iyo basoma Bibiliya ntabwo biyumvisha ko basoma iby'urukundo rw'Imana mbere yuko bagera mu Isezerano Rishya, cyane cyane mu Kibwiriza cyo ku Musozi. Ntabwo bumva ko bishoboka ko basanga urukundo rw'Imana rwanditse mu bitabo by'ubuhanuzi. Nyamara urukundo rw'Imana nirwo nsanganyamatsiko y'ibitabo by'ubuhanuzi nka Amaganya ya Yeremiya, Hoseya, Yona na Malaki.

Dushingiye kuri aba bakozi b'Imana bo mu Isezerano rya Kera, tubona ko Imana yakundaga ubwoko bwayo bidatewe n'imirimo myiza bakoze, cyangwa ngo ibange kuko hari ibibi bakoze.

Umutwaro w'ubuhanuzi bwa Malaki ni uko Imana yakundaga abatambyi n'ubwoko bwa Yuda. Malaki avuze umutwaro wari mu mutima we, nawe ubwo yifatanyije nabo namaze kuvuga, maze avuga ko uko biri kose Imana ikunda ubwoko bwayo kandi ibakunda nta cyo ibaca kandi avuga ko Imana yashakaga kugirana na bo umubano w'urukundo.

Nubwo urukundo rw'Imana rutagira icyo ruca, kuko imitima yabo yari mu bukonje bwo mu mwuka, kandi bari babayeho mu cyaha, ni cyo cyatumye Malaki ababwiriza ko abatambyi n'ubwoko bwa Yuda barimo gukomeretsa umutima w'Imana. Umutwaro Malaki yari afite ni uwo kugira ngo yereke abatambyi n'ubwoko bwa Yuda bwateye Imana umugongo, bukonje mu mwuka, uko umubano wabo n'Imana wari warasenyutse, n'ukuntu uwo mubano wasanwa. Intego y'ubuhanuzi bwa Malaki kwari ukugira ngo azane ububyutse mu mitima y'abatambyi n'abo bari bashinzwe gushumba.

Imyandikire y'igitabo cya Malaki

Malaki yanditse uburyo bumwe n'ubwa Habakuki kandi mu bwenge bumwe nk'ubwe. Niba uri umubyeyi ukaba wari wagerageza kuvugana n'umwana wawe w'ikigande, uzakunda cyane imyandikire Malaki yahisemo kwandika ubutumwa

Imana yamuhaye ngo ashyire ubwoko bwayo. Kimwe n'ibyandikire yahiswemo na Habakuki, n'imyandikire ya Malaki ni "inama" cyangwa ikiganiro mpaka.

Mu buhanuzi bwa Malaki, abarega ikirego agerageza kubwira abatambyi n'ubwoko bwa Yuda igihe bavuye mu mubano n'Imana ndetse n'uko bavuye mu mubano wabo n'Imana. Igihe cyose iyo abivuze, ubwoko bw'Imana buhakana icyo kirego kandi nk'uko umwana w'urubyiruko urimo gucyahwa n'umubyeyi abigenza, na bo barabaza bati, "Uravuga nde, jyewe se?" cyangwa bati, "Ibyo twabikoze ryari?" Umuhanuzi avuga ko Imana ari yo irimo kubarega ibyo birego. Abantu bahakanye ibyo birego byose kandi banga kwemera ukuri kw'ibi birego baregwaga na Data uri mu ijuru abinyujije muri uyu muhanuzi w'umwizerwa.

Hari ingero zirindwi z'uku gusubiza, kandi nizo myandikire ndetse n'incamake y'iki gitabo. Umwigisha mwiza cyane wa Bibiliya wankinguye amaso nkasobanukirwa ibitabo by'ubuhanuzi, yise izi ngero zirindwi zo gusubiranya, "Kongorera Kurindwi k'Umutima urimo Gukonja mu Mwuka."

Igice cya Cumi na Gatatu

Kongorera Kurindwi k'Umutima urimo Gukonja mu Mwuka

Kongorera kwa Mbere: Gushidikanya Urukundo rw'Imana (1:1-5)

Iyo Malaki atangiranye ubuhanuzi bwe amagambo agira ati: "Ijambo ry'Uwiteka yahanuye aritumye Malaki ati, "Ndabakunda' Ni ko Uwiteka avuga," gusubiza gutangizwa n'iki gisubizo: "Ni byo se, ibyo byabaye ryari?" Umuhanuzi asubiza yavuze ibihamya byinshi by'urukundo Imana ikunda ubwoko bwa Yuda.

Buri mubano w'urukundo ugira inzeg ebyiri. Izo nzego ebyiri ni ugutanga no kwakira urukundo. Hari ikibazo cy'ubwenge kibazwa hano ngo: "Niba utakiri hafi y'Imana uko byahoze, ni nde wagiye kure y'undi?" Cyangwa "Niba udafitanye umubano w'urukundo n'Imana, ariko kandi ukaba warawigeze, ni nde warekeye aho gukunda?" Iyo dushidikanyije urukundo Imana idukunda, biba bivuze ko urukundo dukunda Imana rufite ikibazo.

Mu gitabo cy'Ibyahishuwe, abayobozi bamaze imyaka myinshi cyane ari abungeri b'ubwoko bw'Imana bagaragara mu ijuru

ari abakuru makumyabiri na bane bicaye ku dutebe dutoya tw'ubwami bazengurutse intebe nini y'ubwami. Aba bakuru bagaragazwa bambaye imyenda yera, n'amakamba y'izahabu ku mitwe yabo. Handitse ko buri umwe muri bo afite inanga, n'inzabya zuzuye imibavu. (Ibyahishuwe 4:4; 5:8)

Imyenda yera y'aba bakuru ihagararira kwera kwabo, cyangwa se kuba baragenze urugendo bakarusoza neza. Amakamba yabo y'izahabu ahagararira ubutsinzi bwabo bwo mu kwizera. Tubwirwa ko inzabya zabo zuzuye umubavu ari amasengesho basengeye abera b'Imana, kandi kuba buri wese wo muri bo yari afite inanga bisobanuye bari abaramyi.

Ubwo abantu ba mbere Malaki abwira ubutumwa bwe ari abayobozi bo mu mwuka bakonje mu mitima batagikunda Imana, twavuga ko yabwiraga aba bayobozi bose ko gusubira inyuma kwabo kwatumye batera Imana umugongo kwahereye ubwo batakazaga "inanga zabo." Yari ababajwe cyane n'ingaruka mbi zo gukonja k'umubano w'abayobozi bo mu mwuka n'Imana. Malaki agaragaza ko abayobozi b'umwuka batagira ubuzima bwihariye bwo mu mwuka, cyangwa "batakaje inanga zabo" batakaza byose.

Ni gute ubwoko bw'Imana bumera nk'intumbi yo mu mwuka? Dushingiye ku butumwa bwa Malaki, tubona ko iki gikorwa kibi cyane gitangira iyo umuyobozi w'umwuka ashidikanyije urukundo Imana imukunda, maze akirengagiza igikorwa cya buri munsi cyo gusabana n'Imana kigaragaza urukundo akunda Imana. Uku kuri kureba buri mukristo atari abayobozi bo mu mwuka gusa.

Kongorera kwa Kabiri: Gusuzugura Izina ry'Uwiteka (1:6-2:4)

Inshingano y'Imana ikurikiraho inyuze muri Malaki igaragaza kongorera kwa kabiri k'umutima urimo kugenda ukonja kandi uva ku Mana. Cyane cyane mu kongorera kwa kabiri niho ubona umuyobozi w'umwuka cyangwa umukristo asuzugura izina ry'Uwiteka Imana. Ikiganiro gikomezanya no guhakana ikirego bagira bati, "Izina ryawe twarisuzuguye dute?" Iki gisubizo ni cyo gitangwa "Igihe cyose iyo uvuze uti, 'Ntimwigore muha Uwiteka iby'agaciro byanyu."

Malaki arimo kubwira aba batambyi ngo: "Ni uko mwemeye mugatura ibitambo birwaye, bihumye kandi bimugaye nk'ibitambo byemewe n'Imana muba murimo gusuzugura izina ry'Uwiteka." Muri bumwe mu butumwa bwa Malaki

bukomeye, abwira aba batambyi iby'Uwiteka ati: "Dore nzahana imbuto zanyu ari mwe mubinteye, kandi nzabasiga amayezi ku maso, n'ay'ibitambo byanyu muzayoranwa na yo." (2:3) Malaki aravuga ati: "Icyampa hakagira uwo muri mwe ukinga inzugi, mukarorera gucanira ku gicaniro cyanjye ubusa!" (1:10)

Izina ry'Uwiteka rihagararira Imana icyo iri cyo. Amaizna y'Imana yo muri Bibiliya ni yo asobanura kamere ndetse n'ubusobanuro bw'Imana bwimbitse. Itegeko rya gatatu mu Mategeko Cumi ritwihaniza kutavugira ubusa izina ry'Uwiteka Imana. (Kuva 20:7) Iri tegeko ntabwo ribuza gutuka, ahubwo ritubwira ko tutagomba kuvuga izina ry'Uwiteka mu gihe cyo kuramya ariko tudatangazwa n'Imana icyo iri cyo, no guhamagarwa gukora imigambi ya yo. Ubwo Yesu yigishaga intumwa ze gusenga, nyuma yo kubabwira ko bita Imana, Datawa twese wo mu ijuru, yabigishije ko icyo bagomba kubanza gusaba ari: "Izina ryawe ryubahwe." (Matayo 6:9)

Ubwo ubwoko bwa Yuda bwaturaga Imana ibi bitambo bidakwiriye, abatambyi abakiraga ibyo bitambo, n'abantu b'Imana babituraga, barimo gusuzugura izina ry'Uwiteka Bakora ibyo babaga bavuga ko Imana idakwiriye iby'agaciro. Uko dukoresha ibyo twahawe bigaragaza uko dufata Imana, n'ibyacu Imana ikwiriye guhabwa. Iyo dushingiye ku butumwa bwa Malaki, tubona ko kongorera kwa kabiri k'umutima urimo gukonja, utandukana n'Imana ari ugusuzugura izina ry'Uwiteka.

Mbese nawe urimo kwibona muri uku kongorera k'umutima? Waba ufitanye umubano n'Imana, w'ibanga, ukomeye, w'urukundo kandi uramya? Ugaragarisha kuramya kwawe ko ukunda Imana, kandi uyishimira ndetse ukayiha n'ibyo ikwiriye guhabwa?

Kongorera kwa Gatatu: Kwica Isezerano ry'Uwiteka (1:13)

Iyo umuyobozi wo mu mwuka, cyangwa umukristo mukuru atakigirana umubano w'urukundo n'Imana mu buryo bwo kuyiramya, kandi akagaragarisha imirimo ye ko asuzugura Imana, kongorera k'umutima gukurikiraho ni uko atangira kubona ko umurimo w'Imana uruhije. Iyo Malaki avuga ibi, aba arimo kubaza abatambyi ikindi kibazo mu buhanuzi bwe, ari cyo: "Mukoreshwa cyane, cyangwa nta bihembo bihagije muhabwa?" Yarimo guhiga abatambyi, barimo kwitotomba

bavuga ko umurimo w'Imaa uruhije cyane. Yarababajije ati: "Mbese umurimo w'Imana uraruhije cyane, cyangwa mwatakaje urukundo rwa mbere ubu ntimugikundisha Imana ubugingo bwanyu bwose?"

Reka nkwibutse ya magambo abiri twabonye mu buhanuzi bwa Hagayi, kandi akaba ari muri Bibiliya yose: "Imana Mbere!" Uhereye mu Itangiriro ukageza mu Ibyahishuwe, ubona ko dushishikarizwa gushyira Imana ku mwanya wa mbere kandi tukaramya yo gusa. Iyo umuyobozi wo mu mwuka akoreye Imana afite imitima ibiri, ntabwo bitinda ahita abona ko umurimo w'Imana uruhije cyane. Abayobozi bo mu mwuka cyangwa abakristo bakuru mu mwuka, bakorera Imana batiyeguriye burundu Imana bakorera, nibo bantu b'abanyamubabaro kurusha abandi ku isi yose.

Shaka inkomoko cyangwa intandaro y'uku kuri muri Bibiliya yose: "Niba Imana hari icyo iri cyo kuri wose, ubwo Imana ni byose kuri wowe. Kuko, iyo Imana itaraba byose kuri wowe, ubwo nta cyo iba iri cyo kuri wowe." Itegereze Eliya iyo abaza ubwoko bw'Imana ku musozi Karumeli ati: "Muzageza he no kugira imitima ibiri? Niba Uiwteka ari we Mana, nimumukurikire kandi niba Bayali ari we mana, nimumukurikire.

Umva n'ukuntu Kristo abwira itorero rya Lawodikiya ati: "Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka." (Ibyahishuwe 3:15, 16)

Yakobo atubwira ko umuntu w'imitima ibiri adatekanye mu byo akora byose. Nk'uko nigeze kubivuga, Yesu yigishije ko kugira umutima umwe, cyangwa imirebere imwe, bituma umuntu agira ubuzima bwuzuye byishimo, mu gihe, "kugira imitima ibiri cyangwa imirebere ibiri" itandukanye, biganisha umuntu mu mwijima mwinshi cyangwa mu buzima butagira ibyishimo. (Matayo 6:22,23) Ijambo ry'Imana ryuzuyemo ibyanditswe byera biduhugurira gukorera Imana tudafite imitima ibiri.

Ibiranga Umutambyi (2:5-9)

Iyo Malaki arimo gutegura uko aribuvuge ikirego cya kane mu gice cya kabiri, adusobanurira neza umutambyi w'Imana yagombaga kumera. Asubiramo amagambo yavuzwe na Mose

kuri Lewi, se w'abatambyi, ati: "Itegeko ry'ukuri ryabaga mu kanwa ke, kandi mu minwa ye nta gukiranirwa kwahumvikanaga. Yagendanaga nanjye mu mahoro no mu byo gukiranuka, yahinduraga benshi bakareka ibyaha." (Malaki 2:6; Gutegeka 33:10) Hari amatorero yandika aya magambo ya Mose na Malaki ku byapa nk'ishimwe ry'abashumba bakoze imirimo idashyikirwa maze agashyirwa imbere cyangwa hanze y'urusengero kugira ngo azasomwe n'abazaza nyuma.

Malaki akomeza kuduha umwirondoro w'umutambyi agira ati: "Kuko akanwa k'umutambyi gakwiriye guhamya iby'ubwenge, kandi abantu bakwiriye kuba ari we bashakiraho amategeko, kuko ari we ntumwa y'Uwiteka nyiringabo." (2:7) Malaki arangije asanisha iyi shusho y'umutambyi n'ishusho y'abatambyi bakonje mu mubano wabo n'Imana, bateye Imana umugongo kandi bamunzwe, ari bo yandikira ubutumwa bwa kane, ndetse n'igice kinini cy'ubuhanuzi bwe.

Kongorera kwa Kane: Kwica Amasezerano y'Urugo (2:10-16)

Abatambyi n'abantu ba Yuda bamaze gutatira amasezerano y abo n'Imana nzima kandi year, nk'uko bisanzwe, hashize igihe gitoya rwose batatira amasezerano bagiranye n'abo bashakanye. Gerageza gukurikirana uru ruhererekane rwo kongorera k'umutima. Iyo amasezerano yagiranywe n'Imana atatiriwe, nta kabuza ko amasezerano abantu bagiranye ubwabo arasenyuka.

Noneho Malaki avuga ikibazo cy'ubutane bw'abashakanye. Yifatanya na Nehemiya mu mutwaro yagiriye abana bo mu nshako zitanira mu nkiko. (Nehemiya 13:23-25) Yibutsa abatambyi n'abantu bo muri Yuda ko urushako ari umugambi w'Imana wo guha abana uburere mu gihe cy'imyaka igera kuri makumyabiri mbere yuko bajya mu isi ngo bibane cyangwa bibesheho. Ni yo mpamvu Imana yanga ubutane (15).

Salomo yatubwiye ko ababyeyi bameze nk'umuheto hanyuma abana bakaba nk'imyambi. Uko abana binjira mu buzima bw'isi biterwa n'imbaraga n'icyerekezo bahabwa n'ababyeyi ba bo. Ubaye uri umwanzi kandi uzi ko urugero rwa Salomo ruvuga ukuru k'ukuntu abana barerwa ndetse bagategurrwa kubaho ubuzima batari kumwe n'ababyeyi, ni iki wakora? Ahari wageragaeza guca umugwegwe wo kuri uwo muheto. Iki ni cyo umwanzi yarimo gukora igihe uyu muhanuzi wa nyuma yariho ndetse yabwirizaga.

Agatabo #9: Abahanuzi Bato

Wibuke ko Malaki arimo kuvuga kongorera k'umutima ukonje utagikunda Imana. Arimo kwihaniza abantu bo muri Yuda ko amasezerano bagiranye n'Imana natatirwa cyangwa agasenywa, ubwo n'amasezerano n'umubano bagirana n'abandi bantu azasenyuka.

Ikintu cya mbere arimo kuvuga ni ukuntu imitima y'abatambyi yari itagikunda Imana, kugeza ubwo bageze aho bafata ubutane nk'ingeso isanzwe bakira amaturo y'abatanye burundu. Malaki asobanura neza ko abo bantu batanye batwikiriza amarira igicaniro, bitotomba bavuga ko Imana yakuye umugisha mu buzima bwabo. Arongera akavuga ko Imana yakuye umugisha wayo mu bagabo b'i Buyuda kuko bahemukiye abagore babo babasenda. Abagore babo bababereye abizerwa uhereye igihe bombi bari bakiri bato. Bari barasezeranye isezerano n'Uwiteka n'abagore ba bo ryo kuzabana na bo mu bihe bibi no mu byiza, bakazatandukanwa n'urupfu. Kwica iryo sezerano byari ugutatira igihango. Niko Malaki yavuze.

Kongorera kwa Gatanu: Imyitwarire Ihindagurika (2:17-3:7)

Iyo utekereje ku kababaro batewe no gushinjwa mu mutima, ubona ko uburyo bwonyine bashoboye kubana no gutakaza ubunyangamugayo bwabo ari ugushaka uburyo bushya bw'imyitwarire. Imyitwarire mishya yabakijije akababaro ko mu mwuka, kandi iha ihumure aba Bayuda bari bafite imitima ibiri kandi iryo humure ryabashoboje gukomeza kubana n'indangagaciro z'ibyaha ndetse no kubaho ubuzima bw'ibyaha.

Iyo utekereje ku myitwarie idahinduka dusabwa n'amategeko y'Imana yatanzwe na Mose, ubona ko igitekerezo "cy'imyitwarire ihinduka" cyangw aimyitwarire mishya" ari ikinyoma cya tewologiya. Ingingo y'imyitwarire ihinduka, cyangwa imyitwarire yo mu kinyejana cya makumyabiri na kimwe, ni imitekerereze n'imikorere igezweho. Iyo usomye kandi ukizera ibitabo by'ubuhanuzi, ubona ko hafi bose bafatanyije na Malaki gukemura ikibazo cy'imyitwarire ihindagurika.

Malaki yavuze ko abatambyi n'abantu b'i Buyuda barimo kuvuga ko ibyaha ari byiza, ko abanyabayaha banezeza Imana, kandi ngo Imana ntabwo yita ku myitwarire mibi, ko Imana ititabku myitwarire. (2:17) Iyo wirengagije uko igitabo cyaciwemo ibice, ubona ko Malaki yakoresheje ingingo igizwe

n'ibintu bibiri ahakanya imyitwarire mibi y'abarimo kwita ku byaha byabo muri ubu buryo.

Icya mbere, Malaki yavuze kuza kwa mbere kwa Mesiya (3:1-6). Malaki yarabajije ati, "Ni nde uzabasha kwihangana ku munsi wo kuza kwe? Kandi ninde uzahagarara ubwo azaboneka? Kuko ameze nk'umuriro w'umucuzi, n'isabune y'abameshi. Kandi azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayikuramo inkamba, azatunganya abahungu ba Lewi, abacenshure nk'uko bacenshura izahabu n'ifeza maze bazature Uwiteka amaturo bakiranutse." (3:2,3) Mesiya naza, azabwiriza ko Imana itajya ihinduka ndetse ko Imana ihora ifata ibibazo by'imyitwarire mu buryo bumwe. (3:6)

Igice cya kabiri cy'ingingo Malaki yarimo kuvuga kigera mu gice cya kane kandi ikibanda ku kugaruka kwa Yesu (Malaki 4:1,2; 3:18). Malaki yarimo kubwiriza rimwe mu mategeko y'Imana adahinduka, itegeko rishimangirwa cyane muri Bibiliya, rivuga ko Imana yita ku myitwarire y'abantu kandi ko dusarura ibyo twabibye.

Kongorera Kwa Gatandatu: Kwima Imana Ibyayo (3:8-12)

Ukundi kongorera k'umutima urimo gukonja mu rukundo ukunda Imana ni aho Malaki yabwiye abatambyi n'abantu b'i Buyuda ko barimo kwima Imana ibyayo. Bakomeje kuvuga cyangwa gusubiranya n'Imana maze barabaza bati, "Twakwimye iki?" Barasubijwe babwirwa ko bimye Imana igihe cyose bayimaga imigabane ya kimwe mu icumi n'amaturo.

Ijambo ry'Igiheburayo rivuze "icya cumi" risobanuye "kimwe mu icumi." Icya cumi cyari kimwe mu icumi cya mbere cya buri kintu umuntu wakundaga Imana yaronse mu buzima bwe. Kimwe mu icumi yabaga ari amahirwe y'umukristo yo kwiga ndetse no kumenya ikigero uwo muntu yarimo gushyira mu bikorwa iryo hamwe "ry'Imana mbere" ryigishwa muri Bibiliya yose. Bakimara gutera Igihugu cy'amasezerano, iminyago y'umurwa wa mbere bafataga yabaga ari iy'Imana. Banatangaga umwana w'imfura bakamuha Imana.

Nyuma yo gutanga kimwe mu icumi, itegeko ry'Imana ryategekaga umuntu wizera Imana gutura amaturo no gutamba ibitambo. Dawidi yavuze igitambo icyo ari cyo ubwo yavugaga

ati: "*Sinabasha gutambira Uwiteka Imana yanjye ibitambo byoswa, ntabitanzeho ibyanjye*." (II Samweli 24:24) Icyo Malaki yarimo kubabwira ku cya cumi ni uko kimwe mu icumi cya mbere cy'ibyo bari batunze byose ndetse n'ibyo baronkaga byose cyari icy'Uwiteka, ku buryo kutakimuha byabaga bivuze ko barimo kwima Uwiteka ibye.

Itondere uko kongorera kwa gatandatu k'umutima urimo gukonja mu buryo ukunda Imana kwanditswe. Nibwo uzamenya ububi bwo gutera imbere kw'icyaha cyo gutera Imana umugongo kuvugwa n'uyu muhanuzi: Nta gikorwa gihari kigaragaza ishyira mu bikorwa ry'urukundo; ibikorwa byabo ntabwo bigaragaza Imana icyo ari cyo ndetse n'ibiyikwiriye; haboneka kwica isezerano ry'Imana; kwica amasezerano y'ikijyejuru bikurikirwa no kwica amasezerano twagiranye n'abandi bantu; guhindura imyitwarire bikurikira gutekereza ku gutakaza ubunyangamugayo.

Nyuma yo kumva uku kongorera gutanu kwa mbere, ubwo twatekereza ko habaho kwimana ibya cumi n'amaturo. Ubwo uku kongorera kwa gatandatu kuboneka nyuma muri uru ruherererekane, kandi abantu ba mbere umuhanuzi abwira ubu butumwa ni abatambyi bamunzwe, hari ubwo twakeka ko arimo kuvuga ko abatambyi bakoresha nabi ibi bya cumi n'amaturo.

Kongorera Kwa Karindwi: Kutizera! (3:13-15)

Kongorera kwa karindwi k'umutima wamaze gukonja cyane, utagikunda Imana ni ukutizera. Uko kutizera gusobanurwa neza iyo Malaki avugira Imana, avuga ikintu cya karindwi ashinja abatambyi n'abantu b'i Buyuda ati: *"Amagambo mwamvuze yari akomeye, ni ko Uwiteka avuga. Nyamara murabaza muti 'Twakuvuze iki?' Ni Iki twavuze tutagombaga kuvuga? Mwavuze yuko gukorera Imana ari nta mumaro kandi muti 'Byatumariye iki ubwo twitonderaga amategeko yayo, tukagendera imbere y'Uwiteka Nyiringabo twambaye ibyo kwirabura? Noneho abibone ni bo twita abanyamahirwe, ni koko abakora ibyaha barakomezwa, ndetse bagerageza Imana bagakizwa."* (3:13-15)

Nubwo aba batambyi bari batakizera Imana, kuko bari baravutse bagomba gukora umurimo w'ubutambyi, ntabwo bashoboraga kuwuvamo. Ubwo rero bakomeje gukora umurimo w'ubutambyi. Ubwo imwe mu nshingano

z'abatambyi kwari ukwigisha ibyanditswe byera abantu b'i Buyuda, none se ni iki bajyaga kubigisha kandi batakizera ibyanditswe byera? Dushingiye ku byanditswe na Malaki, tubona ko bigishije ngo, "Hahirwa abibone!"

Niba usobanukiwe Bibiliya, uzi ukuntu Imana yanga ubwibone n'ubwirasi. Ubwibone nibwo bubyara ibyaha byose. Ni iki cyatumye abatambyi bigisha ngo, "Hahirwa abirasi n'abibone?" Malaki atubwira ko abatambyi bari baramaze kuva mu kwizera burundu.

Iyo twumvise inyigisho cyangwa ibibwiriza bivuguruza Bibiliya, twibaza uko twageze kuri urwo rwego rwo kutizera no kugwa. Igisubizo cyiza cyatanzwe na Malaki ni uko byose byahereye igihe twatangiraga kumva uko kongorera kw'imitima yacu. Hari ubwo byafata imyaka myinshi kugira ngo uko kongorera kurindwi kumvikane mu mutima w'umuntu wizera Imana cyangwa umuyobozi wo mu mwuka.

Uramutse ushyize igikeri mu mazi arimo kubira, igikeri cyasimbuka kikayavamo. Ariko ugishyize mu mazi akonje maze ukagenda ubushyuhe buhoro buhoro, igikeri cyashya kigapfa. Uburyo bubi bwanditswe na Malaki bukora muri ubwo buryo- buhoro buhoro, ariko ingaruka za byo ni uko abayobozi bo mu mwuka bamunzwe, icyorezo cy'ubutane bw'abashakanye, guhinduka kwimyitwarire no kutizera.

Igice Cya Cumi na Kane
Umwanzuro (Malaki 3:16-4:4)

Iyo usomye iki cyanditswe witonze, ubona ko ikibwiriza cya Malaki cyarangiriye ku murongo wa cumi na gatanu w'igice cya gatatu. Ubuhanuzi bwa Malaki busigaye ni umwanzuro wasobanuraga uko abantu bakiriye iki kibwiriza cya Malaki gikomeye, umwanzuro usobanura uko abizera bakonje mu mitima bari barazibukiriye umubano wabo n'Imana, ndetse no kwizera kwabo, ndetse n'abantu bubahaga Imana batigeze bakora kimwe muri ibyo.

Twumvise mu buhanuzi bwa Malaki bwose uko Imana yasubije ibyavuzwe n'abatambyi n'abantu b'i Buyuda bari barakonje mu rukundo bakundaga Imana. Muri uyu mwanzuro mwiza cyane twumvamo ibisubizo by'urukundo Imana yasubije ubwoko bw'Imana. Abubahaga ndetse bagakunda Imana bahamije ibibwiriza bya Malaki. Ni abantu b'Imana batari baratakaje urukundo rwa mbere, cyangwa abari

barihannye ndetse bagize ububyutse mu rukundo bakundaga Umwami binyuze mu bibwiriza bya Malaki.

Handitse ngo: *"Maze abubahaga Uwiteka baraganiraga, Uwiteka agatega amatwi akumva, nuko igitabo kikandikirwa imbere ye cy'urwibutso rw'abubahaga Uwiteka bakita ku izina rye."* (3:16)

Intego ya Malaki kwari ukugira ngo habeho ububyutse mu rukundo Imana yashakaga kugirana n'ubwoko bwayo. Igitabo cya Malaki cyanzura kitubwira ko Malaki yageze ku ntego ye kuko aya magambo ari amagambo asobanura ububyutse.

Umwanzuro ugaragaza icyo Imana yasubije abatambyi nyakuri n'ubwoko bw'Imana. Malaki avuga kugaruka kwa Kristo ubwo izuba rizarasira abakiranutsi rifite gukira mu mababa yaryo, nyamara abateye Imana umugongo bagahanwa cyane, kandi aba ni bo ubu buhanuzi bwa Malaki bwibandaho cyane. Iyo arangije ababwira ko ari bwo bazabona uko Imana ifata guhinduka ku myitwarire.

Ubuhanuzi bwa Nyuma (3:19,20)

Malaki yanzura iki kibwiriza cye gikomeye avuga kuza k'umuhanuzi umeze nka Eliya uzabanziriza kandi akavuga Yesu Kristo. Yesu abisobanura neza ko Yohana Umubatiza ari we uwo muhanuzi (Matayo 11:7-14) Kugira ngo hatagira abatekereza ko Yohana Umubatiza yari Eliya wongeye kubaho, Yohana yarabihakanye cyane (Yohana 1:21).

Malaki ashobora kuba yarasoje ubuhanuzi bwe n'aya magambo, "Tuzakomerezaho, nyuma y'imyaka magana ane!" Nyuma y'imyaka magana ane nta jwi ry'Imana ryumvikana, aba Bayuda nta muhanuzi bagira cyangwa ijambo ry'Imana, Yohana Umubatiza yaje abwiriza mu mbaraga no mu mwuka wa Eliya. Maze abatambyi, abayobozi bo mu mwuka, n'abantu bo muri Yuda bamara amasaha menshi batega amatwi uyu muhanuzi mukuru mu bahanuzi bose.

Igihe Yesu ubwe yabwirizaga, aba bakuru b'idini bamaze amasaha menshi bateze amatwi Mesiya wabo. Bamwe muri bo bagerageje kumutera amabuye, ariko abandi baravuga bati, "Twabonye Mesiya!" Baramwizeye, baramukurikira, kandi baba intumwa ze.

Mbega ibyishimo byo gufatanya namwe gusesengura Isezerano rya Kera. Ndagira ngo nsozanye ibibazo bibiri: 1) Uzakoresha

iki ibyo wize? Mbese nawe uzatera Mesiya amabuye, umukure mu buzima bwawe, cyangwa uzamukurikira? 2) Urakomeza kwifatanya natwe kwiga iki Gitabo Cyera ubwo tugiye gukomezamo dusesengura Isezerano Rishya?